



Umwaka wa 62  
Igazeti ya Leta n° Idasanze  
yo ku wa 05/12/2023

Year 62  
Official Gazette n° Special of  
05/12/2023

62<sup>ème</sup> Année  
Journal Officiel n° Spécial du  
05/12/2023

***Ibirimo/Summary/Sommaire***

***page/urup.***

**Amategeko /Laws/Lois**

<b>Itegeko n° 058/2023 ryo ku wa 04/12/2023</b> rihindura Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’inshinjabyaha.....	2
<b>Law n° 058/2023 of 04/12/2023</b> amending Law n° 027/2019 of 19/09/2019 relating to the criminal procedure .....	2
<b>Loi n° 058/2023 du 04/12/2023</b> modifiant la Loi n° 027/2019 du 19/09/2019 portant procédure pénale .....	2
<b>Itegeko n° 059/2023 ryo ku wa 04/12/2023</b> rihindura Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n’ibihano muri rusange .....	34
<b>Law n° 059/2023 of 04/12/2023</b> amending Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general .....	34
<b>Loi n° 059/2023 du 04/12/2023</b> modifiant la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général .....	34

<p>ITEGEKO N° 058/2023 RYO KU WA 04/12/2023 RIHINDURA ITEGEKO N° 027/2019 RYO KU WA 19/09/2019 RYEREKEYE IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA Z'INSHINJABYAHA</p>	<p>LAW N° 058/2023 OF 04/12/2023 AMENDING LAW N° 027/2019 OF 19/09/2019 RELATING TO THE CRIMINAL PROCEDURE</p>	<p>LOI N° 058/2023 DU 04/12/2023 MODIFIANT LA LOI N° 027/2019 DU 19/09/2019 PORTANT PROCÉDURE PÉNALE</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>Ingingo</u> va mbere: Imirimo y'ubugenzacyaha</p>	<p><u>Article One:</u> Functions of the organ in charge of investigation</p>	<p><u>Article premier</u> : Fonctions de l'organe chargé d'enquête</p>
<p><u>Ingingo</u> ya 2: Inshingano z'umugenzacyaha</p>	<p><u>Article 2:</u> Responsibilities of an investigator</p>	<p><u>Article 2</u> : Attributions d'un enquêteur</p>
<p><u>Ingingo</u> ya 3: Ibikorwa biri mu nshingano za Polisi y'u Rwanda bifitanye isano n'iperereza ry'ibanze</p>	<p><u>Article 3:</u> Acts within the responsibilities of Rwanda National Police related to preliminary investigations</p>	<p><u>Article 3</u> : Actes relevant des attributions de la Police nationale du Rwanda relatifs à l'enquête préliminaire</p>
<p><u>Ingingo</u> ya 4: Ububasha bwo gukora iperereza ry'ibanze</p>	<p><u>Article 4:</u> Powers to conduct preliminary investigations</p>	<p><u>Article 4</u> : Pouvoirs d'enquête préliminaire</p>
<p><u>Ingingo</u> ya 5: Inshingano z'umushinjacyaha wakiriye dosiye</p>	<p><u>Article 5:</u> Responsibilities of a prosecutor upon receipt of a case file</p>	<p><u>Article 5</u> : Attributions d'un officier de poursuite judiciaire en charge du dossier</p>
<p><u>Ingingo</u> ya 6: Ubuhamya bw'umwana</p>	<p><u>Article 6:</u> Minor's testimony</p>	<p><u>Article 6</u> : Témoignage d'un mineur</p>
<p><u>Ingingo</u> ya 7: Imicungire y'ikintu cyafatiriwe</p>	<p><u>Article 7:</u> Management of a seized object</p>	<p><u>Article 7</u> : Gestion d'un bien saisi</p>
<p><u>Ingingo</u> ya 8: Kugenzura hifashishijwe ikoranabuhanga</p>	<p><u>Article 8:</u> Electronic surveillance</p>	<p><u>Article 8</u> : Surveillance électronique</p>
<p><u>Ingingo</u> ya 9: Inyandikomvugo</p>	<p><u>Article 9:</u> Statement</p>	<p><u>Article 9</u> : Procès-verbal</p>

<b><u>Ingingo ya 10:</u> Inshingano z’umucamanza mu gihe cy’iburanisha n’isuzuma by’ikirego ku ifungwa ry’agateganyo</b>	<b><u>Article 10:</u> Responsibilities of a judge during hearing on provisional detention</b>	<b><u>Article 10 :</u> Attributions du juge lors de l’audience sur la détention provisoire</b>
<b><u>Ingingo ya 11:</u> Iburanishwa ry’uwari warakatiwe n’Urukiko Gacaca woherejwe mu Rwanda</b>	<b><u>Article 11:</u> Trial of an extradited person sentenced by a Gacaca Court</b>	<b><u>Article 11 :</u> Jugement d’une personne extradée condamnée par une Juridiction Gacaca</b>
<b><u>Ingingo ya 12:</u> Gusubirishamo urubanza rwaciwe uregwa adahari</b>	<b><u>Article 12:</u> Opposition to a case decided in absentia</b>	<b><u>Article 12 :</u> Opposition à un jugement rendu par défaut</b>
<b><u>Ingingo ya 13:</u> Igihe cyo gusubirishamo urubanza</b>	<b><u>Article 13:</u> Time limit for filing opposition</b>	<b><u>Article 13 :</u> Délai d’opposition</b>
<b><u>Ingingo ya 14:</u> Itangwa ry’ikirego gisaba gusubirishamo urubanza ingingo nshya</b>	<b><u>Article 14:</u> Filing an application for case review</b>	<b><u>Article 14 :</u> Ouverture d’un recours en révision</b>
<b><u>Ingingo ya 15:</u> Inzego n’abantu bashinzwe kurangiza imanza</b>	<b><u>Article 15:</u> Organs and persons responsible for the execution of judgements</b>	<b><u>Article 15 :</u> Organes et personnes chargées de l’exécution des jugements</b>
<b><u>Ingingo ya 16:</u> Igihe cy’igifungo usaba gufungurwa by’agateganyo agomba kuba arangije</b>	<b><u>Article 16:</u> Period of imprisonment to be completed before applying for release on parole</b>	<b><u>Article 16 :</u> Période d’emprisonnement à accomplir par la personne qui demande la libération conditionnelle</b>
<b><u>Ingingo ya 17:</u> Uko gusaba ifungurwa ry’agateganyo ry’uwakatiwe bikorwa</b>	<b><u>Article 17:</u> Application procedure for release on parole</b>	<b><u>Article 17 :</u> Procédure de demande de libération conditionnelle</b>
<b><u>Ingingo ya 18:</u> Kongera kwandika icyemezo cy’Urukiko Gacaca</b>	<b><u>Article 18:</u> Reconstitution of a copy of Gacaca Court judgement</b>	<b><u>Article 18 :</u> Reconstitution d’une copie de jugement d’une Juridiction Gacaca</b>
<b><u>Ingingo ya 19:</u> Ingingo y’ururimi</b>	<b><u>Article 19:</u> Language provision</b>	<b><u>Article 19 :</u> Disposition linguistique</b>
<b><u>Ingingo ya 20:</u> Gutangira gukurikizwa</b>	<b><u>Article 20:</u> Entry into force</b>	<b><u>Article 20 :</u> Entrée en vigueur</b>

<p><b>ITEGEKO N° 058/2023 RYO KU WA 04/12/2023 RIHINDURA ITEGEKO N° 027/2019 RYO KU WA 19/09/2019 RYEREKEYE IMIBURANISHIRIZE Y'IMANZA Z'INSHINJABYAHA</b></p> <p><b>Twebwe, KAGAME Paul,</b> Perezida wa Repubulika;</p> <p><b>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA</b></p> <p><b>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</b></p> <p>Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 02 Ugushyingo 2023;</p> <p>Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 64;</p>	<p><b>LAW N° 058/2023 OF 04/12/2023 AMENDING LAW N° 027/2019 OF 19/09/2019 RELATING TO THE CRIMINAL PROCEDURE</b></p> <p><b>We, KAGAME Paul,</b> President of the Republic;</p> <p><b>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA</b></p> <p><b>THE PARLIAMENT:</b></p> <p>The Chamber of Deputies, in its sitting of 02 November 2023;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Article 64;</p>	<p><b>LOI N° 058/2023 DU 04/12/2023 MODIFIANT LA LOI N° 027/2019 DU 19/09/2019 PORTANT PROCÉDURE PÉNALE</b></p> <p><b>Nous, KAGAME Paul,</b> Président de la République ;</p> <p><b>LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA</b></p> <p><b>LE PARLEMENT :</b></p> <p>La Chambre des Députés, en sa séance du 02 novembre 2023 ;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en son article 64 ;</p>
--	---	---

*Official Gazette n° Special of 05/12/2023*

<p>Isubiye ku Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’inshinjabyaha, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 15, iya 16, iya 17, iya 24, iya 49, iya 58, iya 70, iya 72, iya 76, iya 173, iya 174, iya 199, iya 216, iya 233 n’iya 234;</p> <p><b>YEMEJE:</b></p> <p><b><u>Ingingo</u> va mberere: Imirimo y’ubugenzacyaha</b></p> <p>Ingingo ya 15 y’Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’inshinjabyaha ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>(1) « Abagenzacyaha b’Urwego rw’Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha mu mirimo yabo bayoborwa kandi bakagenzurwa n’abayobozi b’urwo Rwego.</p> <p>(2) Abagenzacyaha ba gisirikare mu kazi kabo bayoborwa kandi bakagenzurwa n’Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare.</p> <p>(3) Abagenzacyaha batari ab’umwuga bahabwa ububasha bw’ubugenzacyaha n’itegeko cyangwa n’Iteka rya Minisitiri</p>	<p>Having reviewed Law n° 027/2019 of 19/09/2019 relating to the criminal procedure, especially in Articles 15, 16, 17, 24, 49, 58, 70, 72, 76, 173, 174, 199, 216, 233 and 234;</p> <p><b>ADOPTS:</b></p> <p><b><u>Article One: Functions of the organ in charge of investigation</u></b></p> <p>Article 15 of Law n° 027/2019 of 19/09/2019 relating to the criminal procedure is amended as follows:</p> <p>(1) « Investigators of Rwanda Investigation Bureau perform their functions under the leadership and supervision of the management of the Bureau.</p> <p>(2) Military investigators work under the leadership and supervision of the Military Prosecutor General.</p> <p>(3) Non-career investigators are vested with investigation powers by a law or an Order of the Minister in charge of</p>	<p>Revu la Loi n° 027/2019 du 19/09/2019 portant procédure pénale, spécialement en ses articles 15, 16, 17, 24, 49, 58, 70, 72, 76, 173, 174, 199, 216, 233 et 234 ;</p> <p><b>ADOPTÉ :</b></p> <p><b><u>Article premier</u> : Fonctions de l’organe chargé d’enquête</b></p> <p>L’article 15 de la Loi n° 027/2019 du 19/09/2019 portant procédure pénale est modifié comme suit :</p> <p>(1) « Les enquêteurs de l’Office Rwandais d’Investigation exercent leurs fonctions sous la direction et la supervision de la direction de cet Office.</p> <p>(2) Les enquêteurs militaires travaillent sous la direction et la supervision de l’Auditeur général militaire.</p> <p>(3) Les enquêteurs non professionnels sont investis des pouvoirs d’enquête par une loi ou un arrêté du Ministre ayant la</p>
---	--	--

<p>ufite ubutabera mu nshingano. Bayoborwa kandi bakangenzurwa n'inzego zibakuriye mu kazi kabo. icyakora, iyo bakora umurimo w'ubugenzacyaha, hakurikizwa ibivugwa muri iri tegeko.</p> <p>(4) Abagenzacyaha bakora gusa umurimo w'ubugenzacyaha ku byaha bashinzwe kugenza kandi byo mu ifasi yabo.»</p>	<p>justice. They work under the leadership and supervision of the organs under the authority of which they are. However, when they are performing the investigation function, the provisions of this Law apply.</p> <p>(4) Investigators perform the investigation function only on offences falling within their subject-matter and territorial jurisdiction.»</p>	<p>justice dans ses attributions. Ils travaillent sous la direction et la supervision des organes sous l'autorité desquels ils sont placés. Toutefois, lorsqu'ils exercent la fonction d'enquête, les dispositions de la présente loi sont applicables.</p> <p>(4) Les enquêteurs exercent la fonction d'enquête uniquement sur les infractions relevant de leur compétence matérielle et territoriale. »</p>
<p><b><u>Ingingo ya 2: Inshingano z'umugenzacyaha</u></b></p> <p>Ingingo ya 16 y'Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha ihinduwe ku buryo bukurikira:</p>	<p><b><u>Article 2: Responsibilities of an investigator</u></b></p> <p>Article 16 of Law n° 027/2019 of 19/09/2019 relating to the criminal procedure is amended as follows:</p>	<p><b><u>Article 2 : Attributions d'un enquêteur</u></b></p> <p>L'article 16 de la Loi n° 027/2019 du 19/09/2019 portant procédure pénale est modifié comme suit :</p>
<p><b><u>«Ingingo ya 16: Inshingano z'umugenzacyaha</u></b></p> <p>(1) Mu kazi k'iperereza, umugenzacyaha afite inshingano zikurikira:</p> <p>(a) gushakisha ibyaha;</p> <p>(b) kwakira ibirego n'inyandiko zijyanye n'ibyaha;</p>	<p><b><u>« Article 16: Responsibilities of an investigator</u></b></p> <p>(1) In the performance of the investigation function, an investigator has the following responsibilities:</p> <p>(a) to detect offences;</p> <p>(b) to receive complaints and documents relating to offences;</p>	<p><b><u>« Article 16 : Attributions d'un enquêteur</u></b></p> <p>(1) Dans l'exercice de la fonction d'enquête, un enquêteur a les attributions suivantes :</p> <p>(a) détecter les infractions ;</p> <p>(b) recevoir les plaintes et les documents relatifs aux infractions;</p>

*Official Gazette n° Special of 05/12/2023*

<p>(c) gukusanya ibimenyetso bishinja n'ibishinjura;</p> <p>(d) gushakisha abakoze ibyaha, abafatanyacyaha n'ibitso byabo kugira ngo bakurikiranwe n'ubushinjacyaha;</p> <p>(e) kumenyesha uwakorewe icyaha n'ukekwaho icyaha aho dosiye igeze;</p> <p>(f) kwandika inyandikomvugo yo gufata no gufunga agaha kopi ukekwa icyaha;</p> <p>(g) kurekura ukekwa icyaha cyangwa kumurekura no kumutegeka ibyo yubahiriza;</p> <p>(h) gutangiza ubuho hagati y'ukekwaho icyaha n'uwakorewe icyaha iyo –</p> <p>(i) abona ko ari bwo buryo bukwiye bwo kuriha uwangirijwe, kurangiza inkurikizi z'icyaha no gufasha ukekwa icyaha kwikosora no kwisubiraho;</p>	<p>(c) to gather incriminating and exculpatory evidence;</p> <p>(d) to search for perpetrators of offences, co-offenders and their accomplices in order for them to be prosecuted by the public prosecution;</p> <p>(e) to inform the victim and the suspect of the status of the file;</p> <p>(f) to write a statement of arrest and detention and give a copy to the suspect;</p> <p>(g) to release the suspect or release him or her by instructing him or her to comply with a set of conditions;</p> <p>(h) to initiate mediation between the suspect and victim if –</p> <p>(i) he or she believes that it is the appropriate way of providing remedy to the victim, reversing the consequences of the offence and helping the suspect mend his or her ways and come to his or her senses;</p>	<p>(c) rassembler les preuves à charge et à décharge ;</p> <p>(d) rechercher les auteurs, les co-auteurs et leurs complices afin qu'ils soient poursuivis par l'organe de poursuite judiciaire ;</p> <p>(e) informer la victime et le suspect de l'état du dossier ;</p> <p>(f) rédiger un procès-verbal d'arrestation et de détention et en donner une copie au suspect ;</p> <p>(g) libérer le suspect ou le libérer en lui imposant certaines conditions ;</p> <p>(h) initier la médiation entre le suspect et la victime lorsque –</p> <p>(i) il estime que c'est la voie appropriée pour réparer le dommage causé à la victime, mettre fin aux conséquences de l'infraction et aider le suspect à s'amender et à revenir à la raison ;</p>
---	--	---

*Official Gazette n° Special of 05/12/2023*

<p>(ii) icyaha cyakozwe kidahanishwa igihano cy'igifungo kirenze imyaka 5;</p> <p>(i) gushyingura dosiye iyo –</p> <p>(i) ibigize icyaha bituzuye;</p> <p>(ii) nyir'ugukora icyaha atashoboye kumenyekana;</p> <p>(iii) habayeho izima ry'ikirego cy'ikurikiranacyaha;</p> <p>(iv) cyangwa hari indi mpamvu iteganywa n'amategeko.</p> <p>(j) Kumenyesha uwareze, mu gihe kitarenze iminsi 30 icyemezo cyo gushyingura dosiye ye gifashwe. Iyo uwareze atishimiye icyemezo cyo gushyingura dosiye, ashobora kuregera Ubushinjacyaha.</p> <p>(2) Buri kwezi, amadosiye yashyinguwe n'umugenzacyaha amenyeshwa Ubushinjacyaha.</p> <p>(3) Iyo akora iperereza, umugenzacyaha ashobora gufata no gufunga ukekwa</p>	<p>(ii) the offence committed is not punishable with imprisonment for a term exceeding 5 years;</p> <p>(i) to close the file if –</p> <p>(i) the constituent elements of an offence are incomplete;</p> <p>(ii) the perpetrator of the offence has remained unknown;</p> <p>(iii) there has been termination of criminal action;</p> <p>(iv) or there is another reason provided for by the law.</p> <p>(j) To inform the plaintiff of the decision to close his or her file within 30 days of such a decision being made. If not satisfied with such a decision, the plaintiff may refer the case to the public prosecution.</p> <p>(2) Every month, files closed by an investigator are notified to the public prosecution.</p> <p>(3) When conducting investigation, an investigator may carry out the arrest</p>	<p>(ii) l'infraction commise n'est pas punissable de plus de 5 ans d'emprisonnement ;</p> <p>(i) classer sans suite le dossier si –</p> <p>(i) les éléments constitutifs de l'infraction ne sont pas suffisants ;</p> <p>(ii) l'auteur de l'infraction n'a pas été identifié ;</p> <p>(iii) il y a eu extinction de l'action publique ;</p> <p>(iv) ou il y a un autre motif prévu par la loi.</p> <p>(j) informer le demandeur du classement sans suite de son dossier dans les 30 jours suivant la décision de ce classement sans suite. En cas de non-satisfaction d'une telle décision, le demandeur peut saisir l'organe de poursuite judiciaire.</p> <p>(2) Chaque mois, les dossiers classés sans suite par un enquêteur sont notifiés à l'organe de poursuite judiciaire.</p> <p>(3) Lorsqu'il mène une enquête, un enquêteur peut procéder à l'arrestation</p>
--	--	---



<p>icyaha mu buryo buteganywa n'iri tegeko;</p> <p>(4) Gutangiza ubuhuza bivugwa mu gika cya (1)(h) cy'iyi ngingo ntibikorwa ku cyaha cy'ihohotera kibabaza umubiri kandi gishingiye ku gitsina gikorewe uwo bashyingiranywe.»</p> <p><b><u>Ingingo ya 3</u> : Ibikorwa biri mu nshingano za Polisi y'u Rwanda bifitanye isano n'iperereza ry'ibanze</b></p> <p>Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ryongewemo ingingo ya 16 <i>bis</i> iteye ku buryo bukurikira:</p> <p><b>«<u>Ingingo ya 16 bis</u>: Ibikorwa biri mu nshingano za Polisi y'u Rwanda bifitanye isano n'iperereza ry'ibanze</b></p> <p>Ibikorwa bikoze na Polisi y'u Rwanda biteganywa mu itegeko rigenga Polisi y'u Rwanda by'iperereza ry'ibanze bishyikirizwa Urwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru.</p> <p>Ibindi bikorwa bifitanye isano n'iperereza ry'ibanze bikoze na Polisi y'u Rwanda bishyikirizwa Urwego rw'Igihugu rushinzwe</p>	<p>and detention of a suspect in accordance with procedures under this Law;</p> <p>(4) The initiation of the mediation referred to in Paragraph (1)(h) of this Article cannot take place in the case of physical and sexual violence between spouses.»</p> <p><b><u>Article 3</u>: Acts within the responsibilities of Rwanda National Police related to preliminary investigations</b></p> <p>In Law n° 027/2019 of 19/09/2019 relating to the criminal procedure, an Article 16 <i>bis</i> is inserted which is worded as follows:</p> <p><b>«<u>Article 16 bis</u>: Preliminary investigations-related acts within the responsibilities of Rwanda National Police</b></p> <p>Preliminary investigative acts performed by Rwanda National Police that are provided for by the Law governing Rwanda National Police are handed over to the National Public Prosecution Authority.</p> <p>Other preliminary investigations-related acts performed by Rwanda National Police and handed over to the Rwanda Investigation</p>	<p>et à la détention d'un suspect dans les conditions prévues par la présente loi;</p> <p>(4) L'initiation de la médiation visée au paragraphe (1)(h) du présent article ne peut se faire dans le cas de la violence physique à caractère sexuel entre époux. »</p> <p><b><u>Article 3</u> : Actes relevant des attributions de la Police nationale du Rwanda relatifs à l'enquête préliminaire</b></p> <p>Dans la Loi n° 027/2019 du 19/09/2019 portant procédure pénale, il est inséré un article 16 <i>bis</i> libellé comme suit :</p> <p><b>«<u>Article 16 bis</u> : Actes relevant des attributions de la Police nationale du Rwanda relatifs à l'enquête préliminaire</b></p> <p>Les actes d'enquête préliminaire accomplis par la Police nationale du Rwanda prévus par la loi régissant la Police nationale du Rwanda sont remis à l'Organe national de Poursuite judiciaire.</p> <p>Les autres actes liés à l'enquête préliminaire accomplis par la Police nationale du Rwanda et remis à l'Office Rwandais d'Investigation</p>
---	---	---

<p>ubugenzacyaha, bigira agaciro k'ibikorwa by'ubugenzacyaha.»</p> <p><b><u>Ingingo ya 4: Ububasha bwo gukora iperereza ry'ibanze</u></b></p> <p>Ingingo ya 17 y'Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p><b>«<u>Ingingo ya 17: Ububasha bwo gukora iperereza ry'ibanze</u></b></p> <p>(1) Iperereza ry'ibanze rikorwa n'abagenzacyaha babyibwirije, baregwe cyangwa bisabwe n'Ubushinjacyaha.</p> <p>(2) icyakora –</p> <p>(a) iyo Ubugenzacyaha buregwe bukanga kwakira ikirego cyangwa kugikorera iperereza nta mpamvu, uwari watanze ikirego ashobora kugitanga mu Bushinjacyaha. icyo gihe Ubushinjacyaha bushobora gukora iperereza, bumaze gusuzuma niba koko Ubugenzacyaha bwaregwe ntubugire icyo bukora ku kirego;</p>	<p>Bureau are of value as investigative acts. »</p> <p><b><u>Article 4: Powers to conduct preliminary investigations</u></b></p> <p>Article 17 of Law n° 027/2019 of 19/09/2019 relating to the criminal procedure is amended as follows:</p> <p><b>«<u>Article 17: Powers to conduct preliminary investigations</u></b></p> <p>(1) Preliminary investigations are conducted by investigators, on own motion, on complaint or on instructions from the public prosecution.</p> <p>(2) However –</p> <p>(a) if the organ in charge of investigations is seized of and rejects a complaint or refuses to conduct investigations without any justification, the claimant may directly file the complaint with the public prosecution. In that case, the public prosecution may conduct investigations after verifying whether the organ in charge of investigation was actually seized and failed to act;</p>	<p>ont valeur d'actes d'enquête. »</p> <p><b><u>Article 4 : Pouvoirs d'enquête préliminaire</u></b></p> <p>L'article 17 de la Loi n° 027/2019 du 19/09/2019 portant procédure pénale est modifié comme suit :</p> <p><b>«<u>Article 17 : Pouvoirs d'enquête préliminaire</u></b></p> <p>(1) L'enquête préliminaire est effectuée par les enquêteurs, de leur propre initiative, sur plainte ou sur instruction de l'organe de poursuite judiciaire.</p> <p>(2) Toutefois –</p> <p>(a) lorsque l'organe chargé d'enquête est saisi d'une plainte et qu'il refuse de la recevoir ou de mener une enquête sans aucun motif, le plaignant peut saisir directement l'organe de poursuite judiciaire. Dans ce cas, l'organe de poursuite judiciaire peut mener l'enquête après avoir vérifié si réellement l'organe chargé d'enquête a été saisi de la plainte et n'a rien fait ;</p>
---	--	---

<p>(b) Ubushinjacyaha bushobora kandi gukora iperereza igihe busanze hari abagombaga gukorwaho iperereza rikaba ritarakozwe. »</p> <p><b><u>Ingingo ya 5: Inshingano z'umushinjacyaha wakiriye dosiye</u></b></p> <p>Ingingo ya 24 y'Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p><b><u>“Ingingo ya 24: Inshingano z'umushinjacyaha wakiriye dosiye</u></b></p> <p>(1) Umushinjacyaha wakiriye dosiye afite inshingano zikurikira:</p> <p>(a) guhita aregera urukiko rubifitiye ububasha ukurikiranyweho icyaha, iyo abona ko dosiye yuzuye;</p> <p>(b) gufata icyemezo cyo gukora iperereza ry'inyongera, iyo asanze ibimenyetso biri muri dosiye yashyikirijwe bidahagije;</p>	<p>(b) The public prosecution may also conduct investigations in case it believes there are those who had to be investigated but were not investigated. »</p> <p><b><u>Article 5: Responsibilities of a prosecutor upon receipt of a case file</u></b></p> <p>Article 24 of Law n° 027/2019 of 19/09/2019 relating to the criminal procedure is amended as follows:</p> <p><b><u>“Article 24: Responsibilities of a prosecutor upon receipt of the case file</u></b></p> <p>(1) A prosecutor who receives a case file, has the following responsibilities:</p> <p>(a) to immediately file the case file of the accused person with the competent court, if he or she believes that the case file is complete;</p> <p>(b) to decide to conduct additional investigations if he or she believes that the evidence in the case file is insufficient;</p>	<p>(b) L'organe de poursuite judiciaire peut également mener une enquête lorsqu'il constate qu'il n'y a pas eu d'enquête sur des personnes qui devaient en faire l'objet.»</p> <p><b><u>Article 5 : Attributions d'un officier de poursuite judiciaire en charge du dossier</u></b></p> <p>L'article 24 de la Loi n° 027/2019 du 19/09/2019 portant procédure pénale est modifié comme suit:</p> <p><b><u>« Article 24 : Attributions d'un officier de poursuite judiciaire en charge du dossier</u></b></p> <p>(1) Un officier de poursuite judiciaire qui reçoit un dossier a les attributions suivantes :</p> <p>(a) saisir immédiatement la juridiction compétente du dossier du prévenu, lorsqu'il estime que le dossier est complet ;</p> <p>(b) procéder à une enquête supplémentaire lorsqu'il estime que les éléments de preuve contenus dans le dossier sont insuffisants ;</p>
---	---	---

Official Gazette n° Special of 05/12/2023

<p>(c) gutangiza ubuhuza hagati y'ukekwaho icyaha n'uwakorewe icyaha iyo –</p> <p>(i) abona ko ari bwo buryo bukwiye bwo kuriha uwangirijwe, kurangiza inkurikizi z'icyaha no gufasha ukekwa icyaha kwikosora no kwisubiraho;</p> <p>(ii) kandi icyaha cyakozwe kidahanishwa igihano cy'igifungo kirenze imyaka 5;</p> <p>(d) guca ihazabu nta rubanza;</p> <p>(e) gukora ubwumvikane bushingiye ku kwemera icyaha;</p> <p>(f) gushyingura dosiye iyo –</p> <p>(i) ibigize icyaha bituzuye;</p> <p>(ii) uwakoze icyaha atabashije kumenyekanana;</p> <p>(iii) habayeho izima ry'ikirego cy'ikurikiranacyaha;</p>	<p>(c) to initiate mediation between the suspect and victim if –</p> <p>(i) he or she believes that it is the appropriate way of providing a remedy to the victim, reversing the consequences of the offence and helping the suspect mend his or her ways and come to his or her senses;</p> <p>(ii) the offence committed is not punishable with imprisonment for a term exceeding 5 years;</p> <p>(d) to impose a fine without trial;</p> <p>(e) to initiate plea bargaining;</p> <p>(f) to close the file if –</p> <p>(i) the constituent elements of an offence are incomplete;</p> <p>(ii) the perpetrator of the offence is unknown;</p> <p>(iii) there is termination of criminal action;</p>	<p>(c) initier la médiation entre le suspect et la victime lorsque –</p> <p>(i) il estime que c'est la voie appropriée pour réparer le dommage causé à la victime, mettre fin aux conséquences de l'infraction et aider le suspect à s'amender et à revenir à la raison ;</p> <p>(ii) l'infraction commise n'est pas punissable de plus de 5 ans d'emprisonnement ;</p> <p>(d) imposer une amende transactionnelle ;</p> <p>(e) initier la négociation de plaidoyer de culpabilité ;</p> <p>(f) classer sans suite le dossier lorsque –</p> <p>(i) les éléments constitutifs de l'infraction ne sont pas suffisants ;</p> <p>(ii) l'auteur de l'infraction n'a pas été identifié ;</p> <p>(iii) il y a eu extinction de l'action publique ;</p>
--	--	---

*Official Gazette n° Special of 05/12/2023*

<p>(iv) asanga gukurikirana ucyekwaho icyaha atari ngombwa;</p> <p>(v) cyangwa hari indi mpamvu iteganywa n'amategeko;</p> <p>(g) kurekura ukekwa icyaha cyangwa kumurekura no kumutegeka ibyo yubahiriza;</p> <p>(h) kumenyesha uwakorewe icyaha n'ukekwaho icyaha aho dosiye igeze.</p> <p>(2) Iyo guca ihazabu nta rubanza bivugwa mu gika cya (1)(d) cy'iyi ngingo bikozwe hari uwakorewe icyaha ushobora gusaba indishyi, umushinjacyaha aramuhamagaza kugira ngo amwumvikanishe n'ukekwaho icyaha ku ngano y'indishyi zigomba gutangwa. Iyo badashoboye kumvikana, uwakorewe icyaha aregera indishyi mu rukiko rubifitiye ububasha.</p> <p>(3) Gushyingura dosiye bivugwa mu gika cya (1)(f) ni icyemezo cy'ubutegetsiki kitabuza iperereza gukomeza, mu gihe ubushinjacyaha bubonye</p>	<p>(iv) he or she believes that prosecution of the suspect is unnecessary;</p> <p>(v) or there is another reason provided for by the law;</p> <p>(g) to release the suspect or release him or her by instructing him or her to comply with a set of conditions;</p> <p>(h) to inform the victim and the suspect of the status of the file.</p> <p>(2) If the imposition of a fine without trial referred to in Paragraph (1)(d) of this Article takes place when there is a victim of the offence who may file for compensation, the prosecutor summons the victim to facilitate negotiation between the victim and the suspect about the amount of compensation to be given. In case of disagreement, the victim files a claim for compensation with the competent court.</p> <p>(3) The closure of a file referred to in Paragraph (1)(f) is an administrative decision that cannot preclude the continuation of investigations, in case</p>	<p>(iv) il estime la poursuite du suspect est inopportune ;</p> <p>(v) ou il y a un autre motif prévu par la loi ;</p> <p>(g) libérer le suspect ou le libérer en lui imposant certaines conditions ;</p> <p>(h) informer la victime et le suspect de l'état du dossier.</p> <p>(2) Lorsque l'imposition d'une amende transactionnelle visée au paragraphe (1)(d) du présent article intervient alors qu'il y a une victime de l'infraction qui peut demander réparation, l'officier de poursuite judiciaire convoque la victime afin de faciliter la négociation entre elle et le suspect sur le montant de la réparation à donner. En cas de désaccord, la victime saisit la juridiction compétente pour dommages et intérêts.</p> <p>(3) Le classement sans suite du dossier visé au paragraphe (1)(f) est une décision administrative qui n'empêche pas la reprise de l'instruction lorsque</p>
--	--	---

<p>ibimenyetso bishinja kandi hagati aho hakaba nta busaze bw'ikirego cy'ikurikiranacyaha bwabayeho. Icyo cyemezo kimenyeshwa uwakorewe icyaha n'ukekwa icyaha mu gihe kitarenze iminsi 30 uhereye ku munsu cyafatiweho.</p> <p>(4) Gutangiza ubuhuza bivugwa mu gika cya (1)(c) ntibikorwa ku cyaha cy'ihohotera kibabaza umubiri kandi gishingiye ku gitsina gikorewe uwo bashyingiranywe.»</p>	<p>the public prosecution finds any other incriminating evidence, provided the period of prescription of the criminal action has yet to expire. The victim of the offence and the suspect are informed of the decision within 30 days after the day on which such a decision is taken.</p> <p>(4) The initiation of the mediation referred to in Paragraph (1)(c) cannot take place in the case of physical and sexual violence between spouses.»</p>	<p>l'organe de poursuite judiciaire constate de nouveaux éléments à charge et qu'aucune prescription de l'action publique n'est encore intervenue. La victime de l'infraction et le suspect sont informés de cette décision dans les 30 jours suivant le jour où elle est prise.</p> <p>(4) L'initiation de la médiation visée au paragraphe (1)(c) ne peut se faire dans le cas de la violence physique et sexuelle entre époux. »</p>
<p><b><u>Ingingo ya 6: Ubuhamya bw'umwana</u></b></p> <p>Ingingo ya 49 y'Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>(1) «Umwana ugejeje nibura ku myaka 14 yemerewe gutanga ubuhamya nk'umuntu mukuru.</p> <p>(2) Umwana utarageza ku myaka 14 atanga ubuhamya atagombye kurahira. icyakora, icyemezo cy'urukiko ntigishingira kuri ubwo buhamya bwonyine. Muri icyo gihe, ubuhamya bw'umwana</p>	<p><b><u>Article 6: Minor's testimony</u></b></p> <p>Article 49 of Law n° 027/2019 of 19/09/2019 relating to the criminal procedure is amended as follows:</p> <p>(1) « A minor who is at least 14 years old is qualified to testify as an adult.</p> <p>(2) A minor aged under 14 years gives testimony without taking an oath. However, a court ruling cannot solely rely on his or her testimony. In that case, the testimony of a minor is supported by other corroborating</p>	<p><b><u>Article 6 : Témoignage d'un mineur</u></b></p> <p>L'article 49 de la Loi n° 027/2019 du 19/09/2019 portant procédure pénale est modifié comme suit :</p> <p>(1) « Un mineur âgé d'au moins 14 ans a qualité de témoin en tant que majeur.</p> <p>(2) Un mineur de moins de 14 ans donne son témoignage sans prestation de serment. Toutefois, la décision de la juridiction ne peut se fonder sur ce seul témoignage. Dans ce cas, le témoignage d'un mineur est corroboré</p>

<p>bushyigikirwa n'ibindi bimenyetso.»</p> <p><b><u>Ingingo ya 7:</u> Imicungire y'ikintu cyafatiriwe</b></p> <p>Ingingo ya 58 y'Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinyabaha ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>« <b><u>Ingingo ya 58:</u> Imicungire y'ikintu cyafatiriwe</b></p> <p>(1) Umugenzacyaha cyangwa umushinjacyaha ufatiriye ikintu gifite aho gihuriye n'icyaha agomba kwitwararika mu kukibika. Ikintu cyafatiriwe cyose gikorera inyandiko mvugo isesengura ubwoko bwacyo kikanafotorwa.</p> <p>(2) Iyo ikintu cyafatiriwe gishobora kwangirika, guta agaciro cyangwa kugira ingaruka mbi ku buzima bw'abantu, ku mutekano wabo cyangwa ku mutungo wabo, umugenzacyaha cyangwa umushinjacyaha, abyibwirije cyangwa abisabwe n'umuntu wese ubifitemo inyungu, ashobora guhita afata icyemezo asanga gikwiye, harimo kugisubiza nyiracyo,</p>	<p>evidence. »</p> <p><b><u>Article 7:</u> Management of a seized object</b></p> <p>Article 58 of Law n° 027/2019 of 19/09/2019 relating to the criminal procedure is amended as follows:</p> <p>« <b><u>Article 58:</u> Management of a seized object</b></p> <p>(1) An investigator or prosecutor who seizes an offence-related object must keep it with the greatest care. Any seized object is subject to a statement in which the identification of the object is described and is photographed.</p> <p>(2) When a seized object is perishable, likely to depreciate or pose a serious risk to people's health, safety or property, the investigator or the prosecutor, on own initiative or upon request by any interested person, may immediately take any necessary measure such as returning it to the owner, placing it in the custody of its owner or other person, placing it under suretyship or destroying it. The</p>	<p>par d'autres preuves. »</p> <p><b><u>Article 7 :</u> Gestion d'un bien saisi</b></p> <p>L'article 58 de la Loi n° 027/2019 du 19/09/2019 portant procédure pénale est modifié comme suit :</p> <p>« <b><u>Article 58 :</u> Gestion d'un bien saisi</b></p> <p>(1) Un enquêteur ou un officier de poursuite judiciaire qui saisit un bien infractionnel doit le garder avec le plus grand soin. Tout bien saisi fait l'objet d'un procès-verbal décrivant son identification et est photographié.</p> <p>(2) Lorsqu'un bien saisi est périssable, susceptible de se déprécier ou de présenter un danger sérieux pour la santé ou la sécurité des personnes ou leur biens, l'enquêteur ou l'officier de poursuite judiciaire, d'office ou à la demande de toute partie intéressée, peut immédiatement prendre une mesure qui s'impose telle que la remise du bien à son propriétaire, sa mise en sûreté ou sa destruction. L'enquêteur</p>
--	--	---

<p>kukibitsa nyiracyo cyangwa undi muntu, kugishinganisha cyangwa kugisenya. Umugenzacyaha cyangwa umushinjacyaha abikorera inyandikomvugo, kopi yayo igashyikirizwa nyir'ikintu.</p> <p>(3) Mu gihe icyemezo cyo gusubiza ikintu cyafatiriwe cyafashwe ariko nyiracyo akabura cyangwa akarenza igihe cy'umwaka umwe ataraza kugifata, ubugenzacyaha cyangwa ubushinjacyaha bushobora gufata icyemezo cyo kugiteza cyamunara, iyo busanga gishobora kwangirika, gusaza cyangwa guta agaciro, amafaranga avuyemo akabikwa mu Isanduku ya Leta kugeza igihe nyiracyo abonekeye. Iyo nyir'icyafatiriwe abonetse, amafaranga yakoreshejwe kuva icyemezo cyo kukimusubiza gifashwe kugeza gitejwe cyamunara avanwa mu yo asubizwa.</p> <p>(4) Iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano rigena uburyo bw'imicungire y'ikintu cyafatiriwe n'uko cyamunara yacyo ikorwa.»</p>	<p>investigator or the prosecutor makes a statement thereof, a copy of which is given to the owner of the object.</p> <p>(3) In case a decision to return the seized object to the owner is taken but the owner is unavailable or one year has elapsed without him or her taking back the object, the organ in charge of investigation or the public prosecution may, in case it believes that the object may perish, expire or depreciate, auction it and the proceeds thereof are kept in the State Treasury until the owner appears. If the owner is available, the expenses incurred from the decision to return the object to the owner to the auction of the object are deducted from the proceeds given to the owner.</p> <p>(4) An Order of the Minister in charge of justice determines modalities for the management and auction of seized object.»</p>	<p>ou l'officier de poursuite judiciaire dresse, à cet effet, un procès-verbal dont une copie est remise au propriétaire du bien.</p> <p>(3) Lorsqu'une décision de remise d'un bien saisi à son propriétaire est prise, mais que ce dernier est absent ou qu'un an s'écoule sans qu'il le récupère, l'organe chargé d'enquête ou l'organe de poursuite judiciaire peut décider de sa vente aux enchères lorsqu'il constate que ce bien peut être endommagé, expirer ou se déprécier, et le produit qui en résulte est déposé au Trésor public, en attendant que son propriétaire se présente. Lorsque le propriétaire se présente, les dépenses encourues depuis la décision de remise d'un bien jusqu'au jour de sa vente aux enchères sont déduites du produit qui lui est remis.</p> <p>(4) Un arrêté du Ministre ayant la justice dans ses attributions détermine les modalités de gestion et de vente aux enchères d'un bien saisi. »</p>
--	---	---



<p><b><u>Ingingo ya 8: Kugenzura hifashishijwe ikoranabuhanga</u></b></p> <p>Ingingo ya 70 y'Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>« <b><u>Ingingo ya 70: Kugenzura hifashishijwe ikoranabuhanga</u></b></p> <p>(1) Ukekwa icyaha cyangwa ukurikiranywe mu rukiko ashobora kugenzurwa hifashishijwe ikoranabuhanga.</p> <p>(2) Iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano rigena uburyo kugenzura hifashishijwe ikoranabuhanga bikorwa.»</p> <p><b><u>Ingingo ya 9: Inyandikomvugo</u></b></p> <p>Ingingo ya 72 y'Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>(1) « Mu gukora inyandikomvugo y'icyaha cyakozwe, Umugenzacyaha cyangwa Umushinjacyaha yibanda kuri ibi bukurikira:</p>	<p><b><u>Article 8: Electronic surveillance</u></b></p> <p>Article 70 of Law n° 027/2019 of 19/09/2019 relating to the criminal procedure is amended as follows:</p> <p>« <b><u>Article 70: Electronic surveillance</u></b></p> <p>(1) A suspect or an accused person may be subject to electronic surveillance.</p> <p>(2) An Order of the Minister in charge of justice determines modalities for electronic surveillance. »</p> <p><b><u>Article 9: Statement</u></b></p> <p>Article 72 of Law n° 027/2019 of 19/09/2019 relating to the criminal procedure is amended as follows:</p> <p>(1) « The investigator or prosecutor, while preparing the statement of the offence committed, mainly focuses on the following:</p>	<p><b><u>Article 8 : Surveillance électronique</u></b></p> <p>L'article 70 de la Loi n° 027/2019 du 19/09/2019 portant procédure pénale est modifié comme suit :</p> <p>« <b><u>Article 70 : Surveillance électronique</u></b></p> <p>(1) Un suspect ou un prévenu peut faire l'objet de surveillance électronique.</p> <p>(2) Un arrêté du Ministre ayant la justice dans ses attributions détermine les modalités de surveillance électronique.»</p> <p><b><u>Article 9 : Procès-verbal</u></b></p> <p>L'article 72 de la Loi n° 027/2019 du 19/09/2019 portant procédure pénale est modifié comme suit :</p> <p>(1) « En rédigeant le procès-verbal constatant l'infraction commise, l'enquêteur ou l'officier de poursuite judiciaire tient essentiellement compte de ce qui suit :</p>
--	---	---

*Official Gazette n° Special of 05/12/2023*

<p>(a) umwirondoro w'ubazwa;</p> <p>(b) ubwoko bw'icyaha;</p> <p>(c) igihe cyakorewe;</p> <p>(d) ahantu cyakorewe;</p> <p>(e) uburyo cyakozwe;</p> <p>(f) ibimenyetso bishinja cyangwa bishinjura ukekwa ko yakoze icyaha;</p> <p>(g) imvugo z'abantu bari bahari icyaha gikorwa cyangwa bafite icyo babisobanuraho.</p> <p>(2) Iyo ari inyandikomvugo y'ibazwa, Umugenzacyaha cyangwa Umushinjacyaha asaba uwabajijwe gusoma asuzuma niba ibyo yavuze ariko byanditse nyuma akayishyiraho umukono cyangwa igikumwe iyo ayemeye. Iyo atazi gusoma, Umugenzacyaha cyangwa Umushinjacyaha aramusomera.</p>	<p>(a) the identity of the person interrogated;</p> <p>(b) the nature of the offence;</p> <p>(c) the time of commission of the offence;</p> <p>(d) the place of commission of the offence;</p> <p>(e) circumstances of the offence;</p> <p>(f) evidence incriminating or exculpating the suspect;</p> <p>(g) statements of the persons who were present during the commission of the offence or who have clarifications to make thereon.</p> <p>(2) If it is an interrogation statement, the investigator or prosecutor asks the person interrogated to read the statement and verify whether what is written corresponds to what he or she has said and signs or places his or her fingerprint on it if he or she is satisfied with its content. If the person interrogated does not know how to read, the investigator or prosecutor</p>	<p>(a) l'identité de la personne interrogée ;</p> <p>(b) la nature de l'infraction ;</p> <p>(c) le temps de commission de l'infraction ;</p> <p>(d) le lieu de commission de l'infraction;</p> <p>(e) les circonstances de l'infraction;</p> <p>(f) les preuves à charge ou à décharge du suspect;</p> <p>(g) les dépositions des personnes qui étaient présentes au moment de la commission de l'infraction ou qui ont des éclaircissements à donner.</p> <p>(2) Lorsqu'il s'agit du procès-verbal d'audition, l'enquêteur ou l'officier de poursuite judiciaire demande à la personne interrogée de vérifier si ses propos ont été correctement notés dans le procès-verbal d'audition et de le signer ou d'y apposer son empreinte digitale s'il est satisfait du contenu. Si la personne interrogée ne sait pas lire, l'enquêteur ou l'officier de poursuite</p>
--	--	--

<p>(3) Iyo yanze cyangwa adashobora gushyiraho umukono cyangwa igikumwe, byandikwa mu nyandikomvugo.</p> <p>(4) Amakosa agaragaye mu nyandikomvugo akosorwa binyuze mu nzira yo gukora inyandikomvugo y'inyongera.</p> <p>(5) Inyandikomvugo irangizwa n'indahiro y'Umugenzacyaha cyangwa Umushinjacyaha yanditse ikurikira: "Ndahiye ko iyi nyandikomvugo ari ukuri". Iyo nyandikomvugo igaragaza kandi igihe yakorewe, ahantu, izina n'umukono by'uwabajije.</p> <p>(6) Urwego rushinzwe ubugenzacyaha n'urushinzwe ubushinjacyaha ziteganya imiterere n'ibigize inyandikomvugo n'izindi nyandiko zikoreshwa mu iperereza. »</p>	<p>reads out the statement to him or her.</p> <p>(3) If he or she refuses or is unable to sign or to place his or her fingerprint on the statement, such a fact is recorded in the statement.</p> <p>(4) Errors identified in the statement are corrected by making an additional statement.</p> <p>(5) A statement is concluded by the following written oath of the investigator or the prosecutor: "I hereby swear that this statement contains nothing but the truth". The statement also indicates the time and place of writing thereof, name and signature of the person having conducted interrogation.</p> <p>(6) The organ in charge of investigation and the public prosecution determine the format and content of the statement and other documents used during investigation. »</p>	<p>judiciaire lui en donne lecture.</p> <p>(3) Si la personne interrogée refuse ou est incapable de signer ou d'y apposer son empreinte digitale, ce fait est consigné dans le procès-verbal.</p> <p>(4) Les erreurs constatées dans le procès-verbal sont rectifiées par voie d'établissement d'un procès-verbal additionnel.</p> <p>(5) Le procès-verbal se conclut par le serment écrit de l'enquêteur ou de l'officier de poursuite judiciaire ainsi libellé : « Je jure que le présent procès-verbal est sincère ». Ce procès-verbal indique également l'heure et le lieu de son établissement, le nom et la signature de la personne ayant procédé à l'interrogatoire.</p> <p>(6) L'organe chargé d'enquête et l'organe de poursuite judiciaire déterminent le format et le contenu du procès-verbal et d'autres documents utilisés lors de l'instruction. »</p>
--	---	--

<p><b><u>Ingingo ya 10: Inshingano z’umucamanza mu gihe cy’iburanisha n’isuzuma by’ikirego ku ifungwa ry’agateganyo</u></b></p> <p>Ingingo ya 76 y’Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’inshinjabyaha ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>« <b><u>Ingingo ya 76: Inshingano z’umucamanza mu gihe cy’iburanisha n’isuzuma by’ikirego ku ifungwa ry’agateganyo</u></b></p> <p>(1) Umucamanza uburanisha ikirego cy’ifunga ry’agateganyo afite inshingano zirimo izi zikurikira:</p> <p>(a) gusuzuma niba afite ububasha bwo kuburanisha ikirego cy’ifungwa ry’agateganyo yashyikirijwe;</p> <p>(b) gusuzuma ko ibihe by’ifunga n’ubundi burenganzira bw’ukekwaho icyaha byubahirijwe mu gihe cy’iperereza;</p> <p>(c) kureba niba ikirego cy’ikurikiranacyaha kitarazimye cyangwa ngo gisaze ku buryo</p>	<p><b><u>Article 10: Responsibilities of a judge during hearing on provisional detention</u></b></p> <p>Article 76 of Law n° 027/2019 of 19/09/2019 relating to the criminal procedure is amended as follows:</p> <p>« <b><u>Article 76: Responsibilities of a judge during hearing on provisional detention</u></b></p> <p>(1) The responsibilities of a judge who hears a provisional detention case include the following:</p> <p>(a) to verify whether he or she is competent to hear such a provisional detention case brought before him or her;</p> <p>(b) to verify whether the period of detention and other rights of the suspect have been respected during investigations;</p> <p>(c) to examine whether there is no prescription or termination of the criminal action which would result</p>	<p><b><u>Article 10 : Attributions du juge lors de l’audience sur la détention provisoire</u></b></p> <p>L’article 76 de la Loi n° 027/2019 du 19/09/2019 portant procédure pénale est modifié comme suit :</p> <p>« <b><u>Article 76 : Attributions du juge lors de l’audience sur la détention provisoire</u></b></p> <p>(1) Le juge qui statue sur la détention provisoire a, entre autres, les attributions suivantes :</p> <p>(a) vérifier s’il est compétent pour statuer sur la plainte de détention provisoire dont il est saisi ;</p> <p>(b) vérifier si les délais de détention ainsi que les autres droits du suspect ont été respectés au cours de l’enquête ;</p> <p>(c) vérifier si l’action publique n’a pas fait l’objet de prescription ou d’extinction qui serait de nature à</p>
--	--	---

Official Gazette n° Special of 05/12/2023

<p>bitari gutuma hatangwa urwandiko rufunga by'agateganyo;</p> <p>(d) gusuzuma niba hari impamvu zikomeye zituma ukekwa icyaha yafungwa by'agateganyo;</p> <p>(e) gusuzuma niba harabaye ukumvikana kurebana no kwemera icyaha hagati y'umushinjacyaha n'ukurikiranyweho icyaha kugira ngo byitabwemo mu gufata icyemezo ku ifunga ry'agateganyo;</p> <p>(f) kwita ku mibereho n'ubuzima by'ukurikiranyweho icyaha;</p> <p>(g) gusesengura izindi ngingo zikubiye mu myanzuro y'abaturanyi.</p> <p>(2) Umucamanza, iyo abona ibikorwa bigize icyaha bidahuye n'inyito cyahawe, ahindura inyito yacyo agafunga cyangwa agafungura ukekwa icyaha.»</p>	<p>in the issuance of provisional detention warrant being precluded;</p> <p>(d) to examine whether there are serious grounds for provisional detention of the suspect;</p> <p>(e) to examine whether there was an agreement of plea bargaining between the prosecutor and the accused person in order to take it into consideration while deciding on provisional detention;</p> <p>(f) to take into consideration the accused person's living and health conditions;</p> <p>(g) to analyse other arguments contained in the submissions of the parties.</p> <p>(2) When the judge finds that constituent acts of the offence do not correspond to the classification assigned to the offence, he or she reclassifies the offence and orders detention or release of the suspect.»</p>	<p>invalider la délivrance du mandat de détention provisoire ;</p> <p>(d) vérifier s'il existe des motifs sérieux justifiant la mise en détention provisoire du suspect ;</p> <p>(e) vérifier s'il y a eu un accord de négociation de plaider de culpabilité entre l'officier de poursuite judiciaire et le prévenu afin d'en tenir compte en statuant sur la détention provisoire ;</p> <p>(f) prendre en considération les conditions de vie et de santé du prévenu ;</p> <p>(g) analyser d'autres arguments contenus dans les conclusions des parties.</p> <p>(2) Le juge, lorsqu'il constate que les éléments constitutifs de l'infraction ne correspondent pas à la qualification donnée à cette dernière, il la requalifie et ordonne la mise en détention ou la mise en liberté du suspect. »</p>
--	--	--

<p><b><u>Ingingo ya 11: Iburanishwa ry’uwari warakatiwe n’Urukiko Gacaca woherejwe mu Rwanda</u></b></p> <p>Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’inshinyabaha, ryongewemo ingingo ya 169 <i>bis</i> iteye ku buryo bukurikira:</p> <p>« <b><u>Ingingo ya 169 bis: Iburanishwa ry’uwari warakatiwe n’Urukiko Gacaca woherejwe mu Rwanda</u></b></p> <p>Umuntu woherejwe mu Rwanda n’igihugu cy’amahanga kugira ngo aburanishwe kandi yari yarakatiwe n’Urukiko Gacaca adahari, aburanishwa n’urukiko rubifitiye ububasha. Muri icyo gihe, urukiko rubanza gutesha agaciro icyemezo yari yarafatiwe n’Urukiko Gacaca.»</p> <p><b><u>Ingingo ya 12: Gusubirishamo urubanza rwaciwe uregwa adahari</u></b></p> <p>Ingingo ya 173 y’Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’inshinyabaha ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>(1) «Gusubirishamo urubanza bigamije ko urubanza rwaciwe uregwa adahari rwongera kuburanishwa kandi</p>	<p><b><u>Article 11: Trial of an extradited person sentenced by a Gacaca Court</u></b></p> <p>In Law n° 027/2019 of 19/09/2019 relating to the criminal procedure, an Article 169 <i>bis</i> is inserted which is worded as follows:</p> <p>« <b><u>Article 169 bis: Trial of an extradited person sentenced by a Gacaca Court</u></b></p> <p>A person extradited to Rwanda for trial and who was sentenced in absentia by a Gacaca Court is tried by the competent court. In this case, the court nullifies the decision rendered against him or her by the Gacaca Court. »</p> <p><b><u>Article 12: Opposition to a case decided in absentia</u></b></p> <p>Article 173 of Law n° 027/2019 of 19/09/2019 relating to the criminal procedure is amended as follows:</p> <p>(1) « Opposition seeks to review a case decided in absentia and is instituted following the same procedure as that</p>	<p><b><u>Article 11 : Jugement d’une personne extradée condamnée par une Juridiction Gacaca</u></b></p> <p>Dans la Loi n° 027/2019 du 19/09/2019 portant procédure pénale, il est inséré un article 169 <i>bis</i> libellé comme suit :</p> <p>« <b><u>Article 169 bis : Jugement d’une personne extradée condamnée par une Juridiction Gacaca</u></b></p> <p>Une personne extradée au Rwanda pour y être jugée et qui a été condamnée par défaut par une Juridiction Gacaca, est jugée par la juridiction compétente. Dans ce cas, la juridiction annule la décision rendue à son encontre par la Juridiction Gacaca. »</p> <p><b><u>Article 12 : Opposition à un jugement rendu par défaut</u></b></p> <p>L’article 173 de la Loi n° 027/2019 du 19/09/2019 portant procédure pénale est modifié comme suit :</p> <p>(1) « L’opposition vise à faire rejuger une affaire sur laquelle il a été statué en l’absence du condamné et est formée</p>
---	--	--

<p>bikorwa mu buryo bumwe n'ubwo gutanga ikirego.</p> <p>(2) Gusaba ko urubanza rusubirishwamo bisabwa n'uwakatiwe mu rukiko rwaciye urubanza. icyakora, gusubirishamo urubanza rwaciye n'Urukiko Gacaca bisabwa urukiko rufite ububasha bwo kuburanisha ibyaha byari mu bubasha bw'Urukiko Gacaca rwaciye urwo rubanza, mu ifasi urwo Rukiko Gacaca rwari ruherereyemo.</p> <p>(3) Umwanzuro usaba ko urubanza rusubirishwamo ugomba kugaragaza impamvu zikomeye zatumye ubisaba ataboneka mu iburanisha ry'urubanza rusabirwa gusubirishwamo.»</p> <p><b><u>Ingingo ya 13: Igihe cyo gusubirishamo urubanza</u></b></p> <p>Ingingo ya 174 y'Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>(1) « Gusubirishamo urubanza bikorwa mu gihe kitarenze iminsi 15 ibarwa uherye ku muni usaba gusubirishamo urubanza abimenyeye.</p>	<p>applying to the filing of a complaint.</p> <p>(2) Opposition is instituted by the convict before the court having decided the case. However, opposition to a judgement rendered by a Gacaca Court is filed with the court competent to hear offences which were within the jurisdiction of the Gacaca Court having rendered the judgement, within the jurisdiction of which was situated that Gacaca Court.</p> <p>(3) The submissions in support of opposition must indicate serious reasons having prevented the opposer from appearing at the hearing of the case subjected to opposition. »</p> <p><b><u>Article 13: Time limit for filing opposition</u></b></p> <p>Article 174 of Law n° 027/2019 of 19/09/2019 relating to the criminal procedure is amended as follows:</p> <p>(1) « Opposition is filed within 15 days of the day on which the filing party is informed of the judgment.</p>	<p>selon la même procédure que celle applicable au dépôt d'une plainte.</p> <p>(2) L'opposition est formée par le condamné auprès de la juridiction ayant rendu le jugement. Toutefois, l'opposition à un jugement rendu par une Juridiction Gacaca est formée devant la juridiction compétente pour les infractions qui relevaient de la compétence de la Juridiction Gacaca ayant rendu ce jugement, dans le ressort duquel se trouvait cette Juridiction Gacaca.</p> <p>(3) Les conclusions d'opposition doivent indiquer les raisons graves qui ont empêché l'auteur de l'opposition de comparaître à l'audience de l'affaire faisant l'objet d'opposition.»</p> <p><b><u>Article 13 : Délai d'opposition</u></b></p> <p>L'article 174 de la Loi n° 027/2019 du 19/09/2019 portant procédure pénale est modifié comme suit :</p> <p>(1) « L'opposition est formée dans les 15 jours suivant le jour auquel la partie formant opposition est informée du jugement.</p>
---	--	---

<p>(2) Iyo nta kimenyetso kigaragaza ko uwaciriwe urubanza adahari yabonye imenyeshya, ashobora gusaba kurusubirishamo igihe cyose igihano kitarasaza cyangwa igihe cyose urubanza rutarangizwa ku byerekeye indishyi.</p> <p>(3) Ku byerekeranye n'urubanza rwaciwe n'Urukiko Gacaca uwakatiwe ari hanze y'Igihugu, agatahuka bigaragara ko atatorotse ubutabera, gusubirishamo urubanza bikorwa mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku munsu yagarukiye mu Gihugu. »</p>	<p>(2) If there is no evidence that the person tried in absentia was served with the judgement, he or she may file opposition at any time before prescription of the penalty or before the execution of the judgement in relation to civil claims.</p> <p>(3) For a judgement rendered by a Gacaca Court while the convict is abroad, and it is evident upon return that he or she did not evade justice, opposition is filed within 30 days of the date of his or her return to the country. »</p>	<p>(2) En l'absence de preuve démontrant que la personne jugée par défaut a reçu signification du jugement, celle-ci peut former opposition à tout moment jusqu'à l'expiration de la prescription de la peine ou, quant aux condamnations civiles, jusqu'à l'exécution du jugement.</p> <p>(3) Pour un jugement rendu par une Juridiction Gacaca alors que le condamné se trouve à l'étranger, et qu'il est, à son retour, évident qu'il n'avait pas échappé à la justice, l'opposition est formée dans les 30 jours suivant la date de son retour au pays. »</p>
<p><b><u>Ingingo ya 14: Itangwa ry'ikirego gisaba gusubirishamo urubanza ingingo nshya</u></b></p> <p>Ingingo ya 199 y'Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>(1) « Ikirego gisabira urubanza gusubirishwamo ingingo nshya gitangwa mu nzira zimwe nk'izubahirizwa mu gutanga ibindi birego.</p> <p>(2) Ikirego gisabira urubanza rwaciwe</p>	<p><b><u>Article 14: Filing an application for case review</u></b></p> <p>Article 199 of Law n° 027/2019 of 19/09/2019 relating to the criminal procedure is amended as follows:</p> <p>(1) « The application for case review is filed following the same procedure as that applying to other actions.</p> <p>(2) The application for case review of a</p>	<p><b><u>Article 14 : Ouverture d'un recours en révision</u></b></p> <p>L'article 199 de la Loi n° 027/2019 du 19/09/2019 portant procédure pénale est modifié comme suit :</p> <p>(1) « Le recours en révision est formé selon la même procédure que celle applicable à d'autres actions.</p> <p>(2) Le recours en révision d'une décision</p>



<p>burundu gusubirishwamo ingingo nshya nticyakirwa iyo cyerekeye urubanza rwabisabiwe mbere ku kimenyetso kimwe cyangwa ku mpamvu imwe.</p> <p>(3) Iyo habayeho gusubirishamo urubanza ingingo nshya ruregwamo abantu benshi, urukiko ruburanisha gusa uwatanze ikirego. icyakora, abaregwa batasabye ko rusubirwamo nabo bashobora guhamagarwa mu rubanza bagafata ijamba gusa kugira ngo bagire ibyo basobanura muri urwo rubanza. icyemezo gifatwa gishobora guhinduka no kubatasabye ko urubanza rusubirishwamo, iyo cyabagiraho ingaruka mu buryo bubafitiye inyungu.»</p> <p><b><u>Ingingo ya 15: Inzego n’abantu bashinzwe kurangiza imanza</u></b></p> <p>Ingingo ya 216 y’Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y’imanza z’inshinyabiyaha ihinduwe ku buryo bukurikira:</p>	<p>judgement which has become final is not admissible in case it relates to a case for which review was applied on basis of the same evidence or same cause of action.</p> <p>(3) In the event of an application for review in a case involving several accused persons, the court only hears the applicant for review. However, the accused persons other than the applicant for review may also be summoned to and speak at the hearing solely for the purpose of providing any clarifications in the case. The decision rendered can entail any modification concerning those other accused persons only when it may have an effect favourable to them. »</p> <p><b><u>Article 15: Organs and persons responsible for the execution of judgements</u></b></p> <p>Article 216 of Law n° 027/2019 of 19/09/2019 relating to the criminal procedure is amended as follows:</p>	<p>coulée en force de chose jugée n’est pas recevable lorsqu’il se rapporte à une affaire pour laquelle le recours en révision a été exercé en se fondant sur le même élément de preuve ou la même cause.</p> <p>(3) En cas de recours en révision dans une affaire impliquant plusieurs accusés, la juridiction n’entend que l’auteur du recours. Toutefois, les accusés autres que l’auteur du recours peuvent également être convoqués à l’audience pour y prendre la parole uniquement pour fournir de quelconques éclaircissements dans cette affaire. La décision rendue ne peut entraîner une quelconque modification concernant ces autres accusés que lorsqu’elle peut avoir un effet bénéfique pour eux.»</p> <p><b><u>Article 15 : Organes et personnes chargées de l’exécution des jugements</u></b></p> <p>L’article 216 de la Loi n° 027/2019 du 19/09/2019 portant procédure pénale est modifié comme suit :</p>
---	--	---

<p><b>«Ingingo va 216: Inzego n’abantu bashinzwe kurangiza imanza</b></p>	<p><b>«Article 216: Organs and persons responsible for the execution of judgements</b></p>	<p><b>« Article 216 : Organes et personnes chargées de l’exécution des jugements</b></p>
<p>Inzego n’abantu bashinzwe kurangiza imanza ni aba bakurikira:</p>	<p>Organs and persons responsible for the execution of judgements are the following:</p>	<p>Les organes et les personnes chargés de l’exécution des jugements sont les suivants :</p>
<p>(a) Urwego rw’u Rwanda rushinzwe Igorora, Ubushinjacyaha Bukuru, Urwego rw’Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha, Polisi y’u Rwanda, Ubushinjacyaha bwa Gisirikare n’urwego rufite mu nshingano igororero rya gisirikare, ku byerekeye igihano cy’igifungo;</p>	<p>(a) Rwanda Correctional Service, National Public Prosecution Authority, Rwanda Investigation Bureau, Rwanda National Police, Military Prosecution Department and the organ in charge of military correctional facility, in case of imprisonment penalty;</p>	<p>(a) le Service correctionnel du Rwanda, l’Organe national de Poursuite judiciaire, l’Office rwandais d’Investigation, la Police nationale du Rwanda, l’Auditorat militaire et l’organe ayant l’établissement correctionnel militaire dans ses attributions, en ce qui concerne la peine d’emprisonnement ;</p>
<p>(b) Urwego rw’u Rwanda rushinzwe Igorora, abakozi bo mu nzego z’ibanze babihereye ububasha na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano, n’urwego rufite mu nshingano igororero rya gisirikare, ku byerekeye igihano cy’imirimo y’inyungu rusange;</p>	<p>(b) Rwanda Correctional Service, local Government officers empowered to do so by the Minister in charge of justice, and the organ in charge of military correctional facility, in case of sentence of community service;</p>	<p>(b) le Service correctionnel du Rwanda, les autorités locales habilitées par le Ministre ayant la justice dans ses attributions et l’organe ayant l’établissement correctionnel militaire dans ses attributions, en ce qui concerne la peine de travaux d’intérêt général ;</p>
<p>(c) Ubushinjacyaha Bukuru, Urwego rw’Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha, Polisi y’u Rwanda n’Ubushinjacyaha bwa Gisirikare, ku byerekeye igihano cy’ingereka;</p>	<p>(c) National Public Prosecution Authority, Rwanda Investigation Bureau, Rwanda National Police and Military Prosecution Department, in case of additional penalty;</p>	<p>(c) l’Organe national de Poursuite Judiciaire, l’Office rwandais d’Investigation, la Police nationale du Rwanda et l’Auditorat militaire, en ce qui concerne la peine accessoire ;</p>
<p>(d) Umuhesha w’inkiko, ku byerekeye</p>	<p>(d) the court bailiff, in case of a fine and</p>	<p>(d) l’huissier de justice, en ce qui concerne</p>

<p>ihazabu n'indishyi;</p> <p>(e) umwanditsi w'urukiko, ku byerekeye amafaranga y'ihazabu n'amagarama y'urukiko, iyo hari ikintu cy'uwakatiwe kiri mu maboko y'urukiko.»</p> <p><b><u>Ingingo ya 16:</u> Igihe cy'igifungo usaba gufungurwa by'agateganyo agomba kuba arangije</b></p> <p>Ingingo ya 233 y'Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p><b>«<u>Ingingo ya 233:</u> Igihe cy'igifungo usaba gufungurwa by'agateganyo agomba kuba arangije</b></p> <p>Usaba gufungurwa by'agateganyo ashobora kubyemererwa, hashingiwe ku gifungo yakatiwe n'igihe amaze afunzwe, ku buryo bukurikira:</p> <p>(a) iyo yakatiwe igifungo kitarengeje imyaka 5 akaba amaze gufungwa kimwe cya kane cyayo;</p>	<p>damages;</p> <p>(e) the court registrar with respect to the collection of fines and court fees, in case of judicial attachment of an object of a convict.»</p> <p><b><u>Article 16:</u> Period of imprisonment to be completed before applying for release on parole</b></p> <p>Article 233 of Law n° 027/2019 of 19/09/2019 relating to the criminal procedure is amended as follows:</p> <p><b>« <u>Article 233:</u> Period of imprisonment to be completed before applying for release on parole</b></p> <p>The applicant for release on parole may be granted such release based on the term of imprisonment he or she is sentenced to and the term of imprisonment he or she has served, as follows:</p> <p>(a) if he or she was sentenced to imprisonment for a term not exceeding 5 years and has served at least one fourth of the penalty;</p>	<p>une amende et des dommages-intérêts ;</p> <p>(e) le greffier, en ce qui concerne le recouvrement des amendes et des frais de justice, en cas de saisie judiciaire d'un bien d'une personne condamnée. »</p> <p><b><u>Article 16 :</u> Période d'emprisonnement à accomplir par la personne qui demande la libération conditionnelle</b></p> <p>L'article 233 de la Loi n° 027/2019 du 19/09/2019 portant procédure pénale est modifié comme suit :</p> <p><b>« <u>Article 233 :</u> Période d'emprisonnement à accomplir par la personne qui demande la libération conditionnelle</b></p> <p>L'auteur d'une demande de libération conditionnelle peut obtenir cette libération sur la base de la durée de l'emprisonnement à laquelle il est condamné et de celle de l'emprisonnement qu'il a purgé, de la manière suivante :</p> <p>(a) s'il a été condamné à un emprisonnement ne dépassant pas 5 ans et qu'il a purgé au moins un quart de cette peine ;</p>
--	--	--

<p>(b) iyo yakatiwe igifungo kirengeje imyaka 5 akaba amaze gufungwa kimwe cya gatatu cyayo;</p> <p>(c) iyo yakatiwe igifungo cya burundu akaba amaze gufungwa nibura imyaka 15.»</p>	<p>(b) if he or she was sentenced to imprisonment for a term exceeding 5 years and has served at least one third of the penalty;</p> <p>(c) if he or she was sentenced to life imprisonment and has served at least 15 years of imprisonment. »</p>	<p>(b) s'il a été condamné à un emprisonnement supérieur à 5 ans et qu'il a purgé un tiers de cette peine ;</p> <p>(c) s'il a été condamné à un emprisonnement à perpétuité et qu'il a purgé au moins 15 ans d'emprisonnement. »</p>
<p><b><u>Ingingo ya 17:</u> Uko gusaba ifungurwa ry'agateganyo ry'uwakatiwe bikorwa</b></p> <p>Ingingo ya 234 y'Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha ihinduwe ku buryo bukurikira:</p>	<p><b><u>Article 17:</u> Application procedure for release on parole</b></p> <p>Article 234 of Law n° 027/2019 of 19/09/2019 relating to the criminal procedure is amended as follows:</p>	<p><b><u>Article 17 :</u> Procédure de demande de libération conditionnelle</b></p> <p>L'article 234 de la Loi n° 027/2019 du 19/09/2019 portant procédure pénale est modifié comme suit :</p>
<p><b>«<u>Ingingo ya 234:</u> Uko gusaba ifungurwa ry'agateganyo ry'uwakatiwe bikorwa</b></p> <p>(1) Ifungurwa ry'agateganyo ry'uwakatiwe risabwa Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano, binyujijwe kuri Komiseri Mukuru w'Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora. icyakora, usaba ifungurwa ry'agateganyo ry'uwakatiwe ufungiyeye mu igororero rya gisirikare asaba ifungurwa ry'agateganyo ry'uwakatiwe Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano binyujijwe</p>	<p><b>« <u>Article 234:</u> Application procedure for release on parole</b></p> <p>(1) An application for release on parole is filed with the Minister in charge of justice through the Commissioner General of Rwanda Correctional Service. However, an applicant for release on parole who is detained in a military correctional facility applies to the Minister in charge of justice for release on parole through the Minister in charge of defence.</p>	<p><b>« <u>Article 234 :</u> Procédure de demande de libération conditionnelle</b></p> <p>(1) Une demande de libération conditionnelle se fait auprès du Ministre ayant la justice dans ses attributions, sous couvert du Commissaire général du Service correctionnel du Rwanda. Toutefois, l'auteur d'une demande de libération conditionnelle détenu dans un établissement correctionnel militaire adresse sa demande au Ministre ayant la justice dans ses attributions sous</p>

<p>kuri Minisitiri ufite ingabo mu nshingano.</p> <p>(2) Nibura rimwe mu mwaka, Minisitiri ufite ingabo mu nshingano na Komiseri Mukuru w'Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora bashyikiriza Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano urutonde rw'abasabye ifungurwa ry'agateganyo.</p> <p>(3) Urutonde rw'abasabye ifungurwa ry'agateganyo ry'uwakatiwe rugaragaza ibi bikurikira:</p> <p>(a) umwirondoro w'usaba ifungurwa ry'agateganyo ry'uwakatiwe;</p> <p>(b) icyaha usaba afungiwe;</p> <p>(c) icyemezo cy'urukiko rwa nyuma rwakatiye usaba;</p> <p>(d) igihe usaba amaze n'icyo asigaje mu gihano;</p> <p>(e) imyitwarire mu igororero y'usaba n'ibimenyetso</p>	<p>(2) At least once a year, the Minister in charge of defence and the Commissioner General of Rwanda Correctional Service submit to the Minister in charge of justice a list of applicants for release on parole.</p> <p>(3) The list of applicants for release on parole indicates the following:</p> <p>(a) the identification of the applicant for release on parole;</p> <p>(b) the offence for which the applicant is incarcerated;</p> <p>(c) the decision of the court having sentenced the applicant at final instance;</p> <p>(d) the sentence served and the remainder of the sentence;</p> <p>(e) the applicant's conduct in a correctional facility with</p>	<p>couvert du Ministre ayant la défense dans ses attributions.</p> <p>(2) Au moins une fois par an, le Ministre ayant la défense dans ses attributions et le Commissaire général du Service correctionnel du Rwanda soumettent au Ministre ayant la justice dans ses attributions une liste des demandeurs de libération conditionnelle.</p> <p>(3) La liste des demandeurs de libération conditionnelle indique ce qui suit :</p> <p>(a) l'identité du demandeur de libération conditionnelle ;</p> <p>(b) l'infraction pour laquelle le demandeur est incarcéré ;</p> <p>(c) la décision de la juridiction ayant condamné le demandeur en dernier ressort ;</p> <p>(d) la peine purgée et celle restante ;</p> <p>(e) la conduite du demandeur dans un établissement correctionnel avec</p>
---	---	---

<p>bibigaragaza;</p> <p>(f) andi makuru yose ya ngombwa.</p> <p>(4) Iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ryemeza ifungurwa ry'agateganyo ry'uwakatiwe igifungo n'ibyo agomba kubahiriza.</p> <p>(5) icyemezo cy'ifungurwa ry'agateganyo ry'uwakatiwe ntikijurirwa.»</p>	<p>supporting evidence;</p> <p>(f) any other necessary information.</p> <p>(4) An Order of the Minister in charge of justice approves the release on parole of a person sentenced to imprisonment and conditions imposed on him or her.</p> <p>(5) The decision on release on parole is not subject to appeal. »</p>	<p>preuves à l'appui ;</p> <p>(f) toute autre information nécessaire.</p> <p>(4) Un arrêté du Ministre ayant la justice dans ses attributions approuve la libération conditionnelle d'une personne condamnée à l'emprisonnement ainsi que les conditions auxquelles elle est soumise.</p> <p>(5) La décision sur la libération conditionnelle ne fait pas l'objet de recours.»</p>
<p><b><u>Ingingo ya 18: Kongera kwandika icyemezo cy'Urukiko Gacaca</u></b></p> <p>Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ryongewemo ingingo ya 264 bis iteye ku buryo bukurikira:</p> <p><b>«<u>Ingingo ya 264 bis: Kongera kwandika icyemezo cy'Urukiko Gacaca</u></b></p> <p>(1) Ukeneye icyemezo cyafashwe n'Urukiko Gacaca ariko kikaba kidashobora kuboneka, asaba Ubushinjacyaha bwo ku rwego rw'ibanze gushaka amakuru yo kongera kucyandika. Ubushinjacyaha</p>	<p><b><u>Article 18: Reconstitution of a copy of Gacaca Court judgement</u></b></p> <p>In Law n° 027/2019 of 19/09/2019 relating to the criminal procedure, an Article 264 bis is inserted which is worded as follows:</p> <p><b>«<u>Article 264 bis: Reconstitution of a copy of Gacaca Court judgement</u></b></p> <p>(1) A person who needs a copy of a judgment rendered by a Gacaca Court but which cannot be found, requests the Public Prosecution at the primary level to recollect information for the reconstitution of the judgement. The</p>	<p><b><u>Article 18 : Reconstitution d'une copie de jugement d'une Juridiction Gacaca</u></b></p> <p>Dans la Loi n° 027/2019 du 19/09/2019 portant procédure pénale, il est inséré un article 264 bis libellé comme suit :</p> <p><b>«<u>Article 264 bis : Reconstitution d'une copie de jugement d'une Juridiction Gacaca</u></b></p> <p>(1) Une personne qui a besoin d'une copie d'un jugement rendu par une Juridiction Gacaca qui n'est pas trouvable, demande à l'Organe national de Poursuite judiciaire au niveau de base de collecter des informations pour</p>

<p>bushyikiriza mu buryo bw'ikirego ayo makuru urukiko rw'ibanze kugira ngo rwongere rucyandike.</p> <p>(2) Ikirego gisaba kongera kwandika icyemezo cy'Urukiko Gacaca gisuzumwa mu buryo bumwe n'ubw'inyandiko nsobanurakirego itanzwe n'umuburanyi umwe. Icyemezo gifatwa mu minsi itarenze 30 uheryeye ku munsu ikirego cyasuzumiweho.</p> <p>(3) Iyo icyemezo cy'uwakatiwe igihano cy'igifungo n'Urukiko Gacaca kitabonetse kandi atarakoze cyangwa atararangije igihano, hari ibimenyetso bigaragaza ko yakatiwe, ashobora gufatwa agafungwa by'agateganyo, agashyikirizwa urukiko rusabwa kwandika icyemezo cy'urukiko. Urwo rukiko rushobora gufata icyemezo kimufunga by'agateganyo iminsi itarenze 30 mu gihe hategerejwe ko icyemezo cy'urukiko cyongera kwandikwa.»</p>	<p>Public Prosecution submits, in the form of application, the information collected to the Primary Court in order for it to reconstitute the judgement.</p> <p>(2) An application for reconstitution of a copy of judgement rendered by a Gacaca Court is adjudicated by way of a unilateral application. A decision thereon is rendered within 30 days from the date of adjudication of the application.</p> <p>(3) If a copy of judgement for a person sentenced to imprisonment by a Gacaca Court is not found while he or she has not served his or her sentence or has served a part thereof, and there is evidence that the person was sentenced, he or she may be placed under arrest and provisional detention and brought before the court with which an application for reconstitution of a judgement is filed. The court may order his or her provisional detention for a period not exceeding 30 days pending the reconstitution of the copy of judgement. »</p>	<p>la reconstitution du jugement. L'Organe national de Poursuite judiciaire soumet, sous la forme d'une requête, les informations collectées au Tribunal de Base pour reconstituer le jugement.</p> <p>(2) Une demande en reconstitution d'une copie de jugement rendue par une Juridiction Gacaca est examinée sous la forme d'une requête unilatérale. Une décision à cet effet est rendue dans les 30 jours suivant la date d'examen de la demande.</p> <p>(3) Lorsqu'une copie de jugement d'une personne condamnée à la peine d'emprisonnement par une juridiction Gacaca n'est pas trouvable alors que cette personne n'a pas purgé sa peine ou en a purgé une partie, et qu'il existe des preuves qu'elle a été condamnée, elle peut être mise en état d'arrestation et de détention provisoire et traduite devant la juridiction saisie d'une demande en reconstitution d'une copie de jugement. Cette juridiction peut ordonner sa détention provisoire pour une période n'excédant pas 30 jours en attendant la reconstitution de la copie de jugement. »</p>
--	---	---

*Official Gazette n° Special of 05/12/2023*

<p><b><u>Ingingo ya 19: Ingingo y’ururimi</u></b></p> <p>Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 20: Gutangira gukurikizwa</u></b></p> <p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 19: Language provision</u></b></p> <p>This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Article 20: Entry into force</u></b></p> <p>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 19 : Disposition linguistique</u></b></p> <p>La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Article 20 : Entrée en vigueur</u></b></p> <p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
---	---	---



Kigali, 04/12/2023

(sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika  
President of the Republic  
Président de la République

(sé)

**Dr NGIRENTE Edouard**  
Minisitiri w'Intebe  
Prime Minister  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:  
Seen and sealed with the Seal of the Republic:  
Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**  
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta  
Minister of Justice and Attorney General  
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

<p><b>ITEGEKO N° 059/2023 RYO KU WA 04/12/2023 RIHINDURA ITEGEKO N° 68/2018 RYO KU WA 30/08/2018 RITEGANYA IBYAHA N'IBIHANO MURI RUSANGE</b></p>	<p><b>LAW N° 059/2023 OF 04/12/2023 AMENDING LAW N° 68/2018 OF 30/08/2018 DETERMINING OFFENCES AND PENALTIES IN GENERAL</b></p>	<p><b>LOI N° 059/2023 DU 04/12/2023 MODIFIANT LA LOI N° 68/2018 DU 30/08/2018 DÉTERMINANT LES INFRACTIONS ET LES PEINES EN GÉNÉRAL</b></p>
<p><b><u>ISHAKIRO</u></b></p>	<p><b><u>TABLE OF CONTENTS</u></b></p>	<p><b><u>TABLE DES MATIÈRES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo va mbere:</u> Itangwa ry'igihano cy'imirimo y'inyungu rusange</b></p>	<p><b><u>Article One:</u> Imposition of the penalty of community service</b></p>	<p><b><u>Article premier :</u> Imposition de la peine de travaux d'intérêt général</b></p>
<p><b><u>Ingingo va 2:</u> Igabanya ry'igihano mu gihe hari impamvu nyoroshiyacyaha zemezwa n'umucamanza</b></p>	<p><b><u>Article 2:</u> Reduction of penalty in case of mitigating circumstances decided by a judge</b></p>	<p><b><u>Article 2 :</u> Réduction d'une peine en cas de circonstances atténuantes décidées par le juge</b></p>
<p><b><u>Ingingo va 3:</u> Igihe habaho isubikagihano</b></p>	<p><b><u>Article 3:</u> Conditions for application of suspension of penalty</b></p>	<p><b><u>Article 3 :</u> Conditions d'application du sursis</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 4:</u> Ihanwa ry'umufatanyacyaha n'iry'icyitso</b></p>	<p><b><u>Article 4:</u> Punishment of a co-offender and an accomplice</b></p>	<p><b><u>Article 4 :</u> Répression d'un coauteur et d'un complice</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 5:</u> Ihanwa ry'icyaha cya jenocide</b></p>	<p><b><u>Article 5:</u> Punishment of the crime of genocide</b></p>	<p><b><u>Article 5 :</u> Répression du crime de génocide</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 6:</u> Ibindi bikorwa byitwa nk'ibyaha by'intambara</b></p>	<p><b><u>Article 6:</u> Other acts characterised as war crimes</b></p>	<p><b><u>Article 6 :</u> Autres actes qualifiés de crimes de guerre</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 7:</u> Ibihano ku bindi bikorwa byitwa ibyaha by'intambara</b></p>	<p><b><u>Article 7:</u> Penalties for other acts characterised as war crimes</b></p>	<p><b><u>Article 7 :</u> Peines pour d'autres actes qualifiés de crimes de guerre</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 8:</u> Kwihekura</b></p>	<p><b><u>Article 8:</u> Infanticide</b></p>	<p><b><u>Article 8 :</u> Infanticide</b></p>

<p><b><u>Ingingo ya 9:</u> Kwanduza undi indwara</b></p>	<p><b><u>Article 9:</u> Transmission of a disease to another person</b></p>	<p><b><u>Article 9 :</u> Transmission d'une maladie à autrui</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 10:</u> Gukubita cyangwa gukomeretsa umuntu bidaturutse ku bushake</b></p>	<p><b><u>Article 10:</u> Unintentional assault or battery</b></p>	<p><b><u>Article 10 :</u> Coups ou blessures involontaires</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 11:</u> Gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake</b></p>	<p><b><u>Article 11:</u> Intentional assault or battery</b></p>	<p><b><u>Article 11 :</u> Coups ou blessures volontaires</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 12:</u> Kwikuriramo inda cyangwa kwemera gukurirwamo inda</b></p>	<p><b><u>Article 12:</u> Self-induced abortion or consent to abortion</b></p>	<p><b><u>Article 12 :</u> Avortement auto-induit ou consentement à l'avortement</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 13:</u> Gukora, gucuruza, gukwirakwiza cyangwa kwinjiza mu Gihugu ibintu bitujuje ubuziranenge cyangwa byakwangiza ubuzima</b></p>	<p><b><u>Article 13:</u> Production, sale, distribution or importation of products that are substandard or harmful to human being</b></p>	<p><b><u>Article 13 :</u> Production, vente, distribution ou importation des produits non conformes aux normes de qualité ou nocifs pour l'être humain</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 14:</u> Gusambanya umwana</b></p>	<p><b><u>Article 14:</u> Child defilement</b></p>	<p><b><u>Article 14 :</u> Viol sur enfant</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 15:</u> Kurega undi mu nzego z'ubutabera umubeshyera</b></p>	<p><b><u>Article 15:</u> Bringing before judicial organs false accusations against another person</b></p>	<p><b><u>Article 15 :</u> Porter, devant les organes judiciaires, des accusations mensongères contre autrui</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 16:</u> Kugumana ku bw'uburiganya ikintu cy'undi cyatowe</b></p>	<p><b><u>Article 16:</u> Fraudulent retention of another person's found property</b></p>	<p><b><u>Article 16 :</u> Détention frauduleuse d'un bien trouvé appartenant à autrui</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 17:</u> Kugurisha ikintu cy'undi, kugitangaho ingwate cyangwa kugurisha ikintu cyawe watanzeho ingwate</b></p>	<p><b><u>Article 17:</u> Selling, pledging as a security a property of another person or selling one's property given as security</b></p>	<p><b><u>Article 17 :</u> Vendre, constituer en garantie un bien appartenant à autrui ou vendre son bien donné en garantie</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 18:</u> Gusebya cyangwa gutuka</b></p>	<p><b><u>Article 18:</u> Humiliation or insult against one</b></p>	<p><b><u>Article 18 :</u> Outrage ou injure contre l'une</b></p>

<p><b>umwe mu bavugwa mu ngingo ya 217</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 19:</u> Kunaniza cyangwa kuburizamo ishyirwa mu bikorwa ry'inyandikompesha yabaye ndakuka</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 20:</u> Guhimba impapuro zivunjwamo amafaranga, gukoresha cyangwa gukwirakwiza inyandiko zivunjwamo amafaranga z'impimbano</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 21:</u> Kunyagwa amapeti ya gisirikare</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 22:</u> Ingingo y' ururimi</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 23:</u> Gutangira gukurikizwa</b></p>	<p><b>of the persons referred to under Article 217</b></p> <p><b><u>Article 19:</u> Obstructing or preventing the enforcement of a final enforcement order</b></p> <p><b><u>Article 20:</u> Counterfeiting negotiable instruments, use or circulation of counterfeit negotiable instruments</b></p> <p><b><u>Article 21:</u> Stripping off military ranks</b></p> <p><b><u>Article 22:</u> Language provision</b></p> <p><b><u>Article 23:</u> Entry into force</b></p>	<p><b>des personnes visées à l'article 217</b></p> <p><b><u>Article 19 :</u> Entrave à l'exécution d'un titre exécutoire définitif ou empêchement d'une telle exécution</b></p> <p><b><u>Article 20 :</u> Contrefaçon des titres négociables, utilisation ou mise en circulation des titres négociables contrefaits</b></p> <p><b><u>Article 21 :</u> Dégradation militaire</b></p> <p><b><u>Article 22 :</u> Disposition linguistique</b></p> <p><b><u>Article 23 :</u> Entrée en vigueur</b></p>
---	---	--

<p><b>ITEGEKO N° 059/2023 RYO KU WA 04/12/2023 RIHINDURA ITEGEKO N° 68/2018 RYO KU WA 30/08/2018 RITEGANYA IBYAHA N'IBIHANO MURI RUSANGE</b></p>	<p><b>LAW N° 059/2023 OF 04/12/2023 AMENDING LAW N° 68/2018 OF 30/08/2018 DETERMINING OFFENCES AND PENALTIES IN GENERAL</b></p>	<p><b>LOI N° 059/2023 DU 04/12/2023 MODIFIANT LA LOI N° 68/2018 DU 30/08/2018 DÉTERMINANT LES INFRACTIONS ET LES PEINES EN GÉNÉRAL</b></p>
<p><b>Twebwe, KAGAME Paul,</b> Perezida wa Repubulika;</p>	<p><b>We, KAGAME Paul,</b> President of the Republic;</p>	<p><b>Nous, KAGAME Paul,</b> Président de la République ;</p>
<p><b>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA</b></p>	<p><b>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA</b></p>	<p><b>LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA</b></p>
<p><b>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</b></p>	<p><b>THE PARLIAMENT:</b></p>	<p><b>LE PARLEMENT :</b></p>
<p>Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 02 Ugushyingo 2023;</p>	<p>The Chamber of Deputies, in its sitting of 02 November 2023;</p>	<p>La Chambre des Députés, en sa séance du 02 novembre 2023 ;</p>
<p>Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda cyane cyane mu ngingo yaryo ya 64;</p>	<p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Article 64;</p>	<p>Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en son article 64 ;</p>
<p>Isubiye ku Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganyanya ibyaha n'ibihano muri rusange nk'uko ryahinduwe, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 35, iya 60, iya 64, iya 84, iya 92, iya 99, iya 100, iya 108, iya 117, iya</p>	<p>Having reviewed Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general as amended, especially in Articles 35, 60, 64, 84, 92, 99, 100, 108, 117, 120, 121, 123, 133, 152, 172, 177, 218, 271 and 291;</p>	<p>Revu la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général telle que modifiée, spécialement en ses articles 35, 60, 64, 84, 92, 99, 100, 108, 117,</p>

<p>120, iya 121, iya 123, iya 133, iya 152, iya 172, iya 177, iya 218, iya 271 n'ya 291;</p> <p><b>YEMEJE:</b></p> <p><b><u>Ingingo va mbere:</u> Itangwa ry'igihano cy'imirimo y'inyungu rusange</b></p> <p>Ingingo ya 35 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 ritaganyanya ibyaha n'ibihano muri rusange, ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>(1) « Iyo igihano cy'imirimo y'inyungu rusange gitanzwe nk'igihano cy'iremezo, urukiko rugena igihe ntarengwa kizamara. icyo gihe ntigishobora kurenga amezi 6.</p> <p>(2) Igihano cy'imirimo y'inyungu rusange gishobora gutangwa gisimbura ikindi gihano cy'iremezo. Muri icyo gihe, gitangwa ku buryo bukurikira:</p> <p>(a) iyo icyaha gihanishwa igifungo kirenze amezi 6 ariko kitarenze imyaka 5, urukiko rushobora gutegeka uwagikatiwe kurangiza igice cy'igihano akora igihano cy'imirimo y'inyungu</p>	<p><b>ADOPTS:</b></p> <p><b><u>Article One:</u> Imposition of the penalty of community service</b></p> <p>Article 35 of Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is amended as follows:</p> <p>(1) « In case the penalty of community service is imposed as principal penalty, the court sets the time limit for serving such a penalty. Such a time limit cannot exceed 6 months.</p> <p>(2) The penalty of community service may be imposed in lieu of another principal penalty. In that case, it is imposed as follows:</p> <p>(a) when an offence is punishable by imprisonment for a term of more than 6 months and not more than 5 years, the court may order that the convict serve part of his or her penalty by performing community service for a period not exceeding 2</p>	<p>120, 121, 123, 133, 152, 172, 177, 218, 271 et 291 ;</p> <p><b>ADOPTÉ :</b></p> <p><b><u>Article premier :</u> Imposition de la peine de travaux d'intérêt général</b></p> <p>L'article 35 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est modifié comme suit :</p> <p>(1) « Lorsque la peine de travaux d'intérêt général est imposée en tant que peine principale, la juridiction fixe le délai de son exécution. Ce délai ne peut pas dépasser 6 mois.</p> <p>(2) La peine de travaux d'intérêt général peut être prononcée pour le substituer à une autre peine principale. Dans ce cas, elle est imposée de façon suivante :</p> <p>(a) lorsqu'une infraction est punissable d'un emprisonnement supérieur à 6 mois mais n'excédant pas 5 ans, la juridiction peut ordonner que le condamné purge une partie de sa peine en faisant des travaux d'intérêt général pour une</p>
---	---	--

<p>rusange mu gihe kitarenze imyaka 2;</p> <p>(b) iyo icyaha gihanishwa igifungo kitageza ku mezi 6, urukiko rushobora kumutegeka gukora igihano cy'imirimo y'inyungu rusange mu gihe kidashobora kurenga igihe ntarengwa cyo hejuru cy'igifungo giteganywa n'itegeko kuri icyo cyaha.</p> <p>(3) Iyo uwahamwe n'icyaha adakoze neza ku bushake igihano cy'imirimo y'inyungu rusange, arangiriza mu igororero igihano gisigaye yakatiwe.»</p> <p><b><u>Ingingo ya 2: Igabanya ry'igihano mu gihe hari impamvu nyoroshiyacyaha zemezwa n'umucamanza</u></b></p> <p>Ingingo ya 60 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>« Iyo umucamanza yemeje impamvu nyoroshiyacyaha, ashobora kugabanya igihano ku buryo bukurikira:</p>	<p>years;</p> <p>(b) when an offence is punishable by imprisonment for a term of less than 6 months, the court may order that the convict serve the penalty of community service for a period not exceeding the maximum imprisonment provided by the law for such an offence.</p> <p>(3) In case of the convict's wilful failure to properly serve the penalty of community service, he or she serves the remainder of the penalty in a correctional facility. »</p> <p><b><u>Article 2: Reduction of penalty in case of mitigating circumstances decided by a judge</u></b></p> <p>Article 60 of Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is amended as follows:</p> <p>« If the judge approves mitigating circumstances, he or she may reduce penalties as follows:</p>	<p>durée ne dépassant pas 2 ans ;</p> <p>(b) Lorsqu'une infraction est punissable d'un emprisonnement inférieur à 6 mois, la juridiction peut ordonner que le condamné purge la peine de travaux d'intérêt général pour un délai n'excédant pas le délai maximum de l'emprisonnement prévu par la loi pour cette infraction.</p> <p>(3) Lorsque le condamné omet délibérément d'exécuter convenablement la peine de travaux d'intérêt général, il purge le reste de sa peine dans un établissement correctionnel. »</p> <p><b><u>Article 2 : Réduction d'une peine en cas de circonstances atténuantes décidées par le juge</u></b></p> <p>L'article 60 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est modifié comme suit :</p> <p>« Lorsque le juge approuve les circonstances atténuantes, il peut réduire les peines comme suit :</p>
--	---	---

<p>(a) igifungo cya burundu gishobora kugabanywa ariko ntikijye muni y'igihano cy'igifungo cy'imyaka 15;</p> <p>(b) igifungo kimara igihe kizwi kiva ku mezi 6 kuzamura gishobora kugabanywa, ariko ntikijye muni ya kimwe cya kabiri cy'igihano gito giteganyirijwe icyaha cyakozwe;</p> <p>(c) igihano cy'igifungo kiri muni y'amezi 6 gishobora gusubikwa;</p> <p>(d) igihano cy'ihazabu gishobora kugabanywa kugeza kuri kimwe cya kane cy'igihano cy'ihazabu gito giteganyirijwe icyaha cyakozwe;</p> <p>(e) igihano cy'imirimo y'inyungu rusange gishobora gusubikwa. »</p>	<p>(a) life imprisonment may be reduced to a penalty of imprisonment of not less than 15 years;</p> <p>(b) a fixed-term imprisonment from 6 months and above may be reduced but it cannot be less than a half of the minimum sentence provided for the offence committed;</p> <p>(c) a penalty of imprisonment of less than 6 months may be suspended;</p> <p>(d) a fine may be reduced up to a quarter of the minimum fine provided for the offence committed;</p> <p>(e) a penalty of community service may be suspended. »</p>	<p>(a) l'emprisonnement à perpétuité peut être réduit à une peine d'emprisonnement d'au moins 15 ans ;</p> <p>(b) l'emprisonnement à durée déterminée de 6 mois et plus peut être réduit mais sans aller en dessous de la moitié de la peine minimale prévue pour l'infraction commise ;</p> <p>(c) une peine d'emprisonnement de moins de 6 mois peut être assortie d'un sursis ;</p> <p>(d) une peine d'amende peut être réduite jusqu'à un quart du minimum de la peine d'amende prévue pour l'infraction commise ;</p> <p>(e) une peine de travaux d'intérêt général peut être assortie d'un sursis. »</p>
<p><b><u>Ingingo ya 3: Igihe habaho isubikagihano</u></b></p> <p>Ingingo ya 64 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>(1) « Iyo uwakatiwe nta kindi gihano cy'igifungo kirenga amezi 6 yahanishijwe mbere, urukiko,</p>	<p><b><u>Article 3: Conditions for application of suspension of penalty</u></b></p> <p>Article 64 of Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is amended as follows:</p> <p>(1) « If the convicted person was not previously convicted of another penalty of imprisonment exceeding 6 months,</p>	<p><b><u>Article 3 : Conditions d'application du sursis</u></b></p> <p>L'article 64 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est modifié comme suit :</p> <p>(1) « Si le condamné n'a pas été antérieurement condamné à une autre peine d'emprisonnement supérieure à</p>



Official Gazette n° Special of 05/12/2023

<p>rukoresheje icyemezo gisobanura impamvu, rushobora gutegeka gusubika irangiza ry'igihano cyose cyangwa igice cy'igihano cy'iremezo cyangwa cy'ingereka, iyo igihano cy'iremezo cy'igifungo umuntu yakatiwe kitarenze imyaka 5.</p> <p>(2) icyemezo cy'urukiko gitegeka isubika ry'igihano –</p> <p>(a) kigaragaza impamvu zashingiweho;</p> <p>(b) kigaragaza igihe isubikagihano ry'igihano cy'igifungo cyangwa isubika ry'igihano cy'imirimo y'inyungu rusange ritangirira n'igihe rirangirira;</p> <p>(c) gishobora gutegeka isubika ry'igihano cy'igifungo cyose cyangwa igice cyacyo, iry'ihazabu yose cyangwa igice cyayo;</p> <p>(d) gishobora gutegeka isubika ry'igihano cy'iremezo cyangwa iry'igihano cy'ingereka.</p> <p>(3) icyemezo cy'urukiko gisubika</p>	<p>the court may, through a reasoned decision, order suspension of the execution of all or part of the principal or accessory penalty imposed provided that the principal penalty imposed does not exceed 5 years.</p> <p>(2) The court decision ordering suspension of penalty –</p> <p>(a) states the grounds on which it is based;</p> <p>(b) states when the suspension of the penalty of imprisonment or the penalty of community service begins and when it ends;</p> <p>(c) may order suspension of all or part of the penalty of imprisonment or of fine;</p> <p>(d) may order suspension of the principal or accessory penalty.</p> <p>(3) The court decision ordering suspension</p>	<p>6 mois, la juridiction peut, par décision motivée, ordonner qu'il soit sursis à l'exécution de tout ou partie de la peine principale ou accessoire, à condition que la peine d'emprisonnement principale imposée n'excède pas 5 ans.</p> <p>(2) La décision judiciaire ordonnant le sursis –</p> <p>(a) indique les motifs sur lesquels elle se fonde;</p> <p>(b) indique le temps à partir duquel le sursis de la peine d'emprisonnement ou de la peine des travaux d'intérêt général commence et celui auquel il se termine;</p> <p>(c) peut ordonner le sursis de la totalité ou de la partie de la peine d'emprisonnement ou d'amende ;</p> <p>(d) peut ordonner le sursis d'une peine principale ou accessoire.</p> <p>(3) La décision judiciaire ordonnant le</p>
--	--	--

<p>igihano gifatwa mu rubanza rumwe n'urw'icyaha cyakozwe ruburanishwa.»</p> <p><b><u>Ingingo ya 4: Ihanwa ry'umufatanyacyaha n'iry'icyitso</u></b></p> <p>Ingingo ya 84 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>(1) « Umufatanyacyaha cyangwa icyitso ahanwa hakurikijwe ibihano itegeko riteganyiriza uwakoze icyaha.</p> <p>(2) Umufatanyacyaha cyangwa icyitso arakurikiranwa n'ubwo icyaha cyaba kitashoboye gukurikiranwa ku wagikoze kubera impamvu zimureba ku giti cye nk'urupfu, uburwayi bwo mu mutwe cyangwa kutamenyekana. Icyakora, iyo umuntu uvugwa mu gace ka 5 d), aka 5 e) n'aka 5 f) tw'ingingo ya 2 y'iri tegeko ari uwashyiranywe n'uwakoze icyaha cyangwa uwo bafitanye isano kugera ku rwego rwa kabiri, ntakurikiranwa ku byaha byoroheje n'ibyaha bikomeye. »</p>	<p>of penalty is rendered during the trial for the offence committed. »</p> <p><b><u>Article 4: Punishment of a co-offender and an accomplice</u></b></p> <p>Article 84 of Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is amended as follows:</p> <p>(1) « The co-offender or accomplice is punished according to such penalties for the offender as are provided for by the law.</p> <p>(2) The co-offender or accomplice is prosecuted even if the criminal action cannot be instituted against the offender due to the reasons specific to the offender such as death, insanity or his or her being unidentified. However, when the person referred to in items 5 d), 5 e) and 5 f) of Article 2 of this Law is the offender's spouse or relative up to the second degree, he or she is exempted from prosecution for petty offences and misdemeanours. »</p>	<p>sursis est rendue au cours du procès même jugeant l'infraction commise. »</p> <p><b><u>Article 4 : Répression d'un coauteur et d'un complice</u></b></p> <p>L'article 84 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est modifié comme suit :</p> <p>(1) « Le coauteur ou le complice est puni des peines que la loi prévoit pour l'auteur d'une infraction.</p> <p>(2) Le coauteur ou le complice est poursuivi même si l'action publique ne peut pas être exercée contre l'auteur pour des causes qui sont personnelles à celui-ci, telles que la mort, la démence ou la non-identification. Toutefois, lorsque la personne visée aux points 5 d), 5 e) et 5 f) de l'article 2 de la présente loi est l'épouse de l'auteur de l'infraction ou a un lien de parenté avec ce dernier jusqu'au deuxième degré, elle est exemptée de poursuites pour les contraventions et les délits. »</p>
---	---	---

<p><b><u>Ingingo ya 5: Ihanwa ry'icyaha cya jenocide</u></b></p> <p>Ingingo ya 92 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>« Umuntu ukoze kimwe mu bikorwa bivugwa mu ngingo ya 91 y'iri tegeko aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igihano cy'igifungo cya burundu.»</p>	<p><b><u>Article 5: Punishment of the crime of genocide</u></b></p> <p>Article 92 of Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is amended as follows:</p> <p>« A person who commits any of the acts referred to in Article 91 of this Law commits an offence. Upon conviction, the person is liable to the penalty of life imprisonment. »</p>	<p><b><u>Article 5 : Répression du crime de génocide</u></b></p> <p>L'article 92 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est modifié comme suit :</p> <p>« Une personne qui commet l'un des actes visés à l'article 91 de la présente loi commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement à perpétuité. »</p>
<p><b><u>Ingingo ya 6: Ibindi bikorwa byitwa nk'ibyaha by'intambara</u></b></p> <p>Ingingo ya 99 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>« Igikorwa kiri muri ibi bikurikira gikozwe mu mirwano ikoreshejwe intwaro cyitwa icyaha cy'intambara:</p> <p>(a) gukoresha intwaro z'ubumara cyangwa izindi ntware zibabaza abantu atari ngombwa;</p> <p>(b) kugaba ibitero ku bakozi n'inyubako by'ubuvuzi kimwe no gusenya cyangwa kwangiza ibikoresho by'ubwikorezi n'indege byo mu buvuzi;</p>	<p><b><u>Article 6: Other acts characterised as war crimes</u></b></p> <p>Article 99 of Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is amended as follows:</p> <p>« Any of the following acts committed in armed conflicts is a war crime:</p> <p>(a) to employ poisonous weapons or other weapons calculated to cause unnecessary suffering;</p> <p>(b) to attack medical units and establishments as well as to destruct and damage medical transport facilities and aircrafts;</p>	<p><b><u>Article 6 : Autres actes qualifiés de crimes de guerre</u></b></p> <p>L'article 99 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est modifié comme suit :</p> <p>« L'un des actes suivants commis dans les conflits armés est un crime de guerre :</p> <p>(a) employer des armes toxiques ou d'autres armes conçues pour causer des souffrances inutiles ;</p> <p>(b) attaquer des unités et des établissements médicaux ainsi que détruire et endommager des matériaux de transport et des aéronefs utilisés à des fins médicales ;</p>

*Official Gazette n° Special of 05/12/2023*

<p>(c) gukoresha imyuka ibuza guhumeka, ihumanya cyangwa indi bikora kimwe cyangwa uburyo bwo kurwana bukwirakwiza indwara;</p> <p>(d) gukora, guhunika, kwakira cyangwa gutwara ibikomoka ku dukoko dukwirakwiza indwara cyangwa ubumara, aho byaba bikomoka aho ari ho hose cyangwa uburyo ubwo ari bwo bwose byaba bikozwemo, hagambiriwe kubikoresha mu kurwanya umwanzu mu mirwano ikoreshejwe intwari;</p> <p>(e) gutesha umuntu icyubahiro, by'umwihariko kumusambanya ku gahato, kwangiza imyanya ndangagitsina, gushora umuntu mu buraya ku gahato n'ubundi buryo bwose bw'icyaha cy'urukozasoni;</p> <p>(f) gushyira abantu mu bucakara no kubacuruzwa nk'abacakara, no gukora ibikorwa bijyana na byo cyangwa kubakoresha imirimo y'uburetwa y'uburyo ubwo ari bwo bwose;</p> <p>(g) gushyira abantu b'abasiviri imbere ku rugamba bigatuma baba agakingirizo k'amasasu;</p>	<p>(c) to use asphyxiating, poisonous or other similar gases, or bacteriological methods of warfare;</p> <p>(d) to produce, stockpile, acquire or transport biological products or toxins, whatever their origin or method of production, for hostile purposes in armed conflict;</p> <p>(e) to outrage human dignity, particularly through rape, sexual torture, forced prostitution and any form of indecent assault;</p> <p>(f) to enslave and engage in slave trade, or commit slavery-like practices and forced labour in any form;</p> <p>(g) to use human shields;</p>	<p>(c) employer des gaz asphyxiants, toxiques ou similaires ou des moyens de guerre bactériologiques;</p> <p>(d) produire, stocker, acquérir ou transporter les produits biologiques ou les toxines quelle que soit leur origine ou leur mode de production, à des fins hostiles en cas de conflit armé ;</p> <p>(e) porter atteinte à la dignité de la personne, en particulier par le viol, par la torture sexuelle, par la prostitution forcée et par toute forme d'attentat à la pudeur ;</p> <p>(f) réduire en esclavage et faire la traite d'esclaves, ou faire les pratiques analogues à l'esclavage et le travail forcé sous toutes ses formes ;</p> <p>(g) faire usage de boucliers humains ;</p>
---	---	--

*Official Gazette n° Special of 05/12/2023*

<p>(h) kwicisha abaturage inzara no kubabuza ko imfashanyo zagenewe kubagoboka zibageraho;</p> <p>(i) gutandukanya ubigambiriye abana n'ababyeyi babo cyangwa n'abandi bashinzwe umutekano n'imibereho myiza byabo;</p> <p>(j) gushyira igitugu ku basiviri barimo n'abana kugira ngo bajye mu mirwano cyangwa bakore imirimo ijyanye n'inshingano za gisirikare;</p> <p>(k) kutavura inkomere, abarwayi, abarohamye n'abandi bantu babujijwe uburenganzira bwabo ku mpamvu zifitanye isano n'imirwano ikoreshejwe intwari;</p> <p>(l) gufata nabi imfungwa cyangwa abantu bahurijwe ahantu hamwe;</p> <p>(m) gusahura cyangwa gusenya ibintu bya Leta cyangwa iby'abantu ku giti cyabo;</p> <p>(n) guhana abantu ikivunge udakurikije ibyaha bya buri muntu;</p> <p>(o) gukora ibikorwa bya kiboko bigamije gutera ubwoba abaturage cyangwa bamwe muri bo. »</p>	<p>(h) to starve the civilian population and prevent humanitarian assistance from reaching such population;</p> <p>(i) to deliberately separate children from their parents or other persons responsible for their safety and welfare;</p> <p>(j) to force civilians, including children to take part in hostilities or to perform works related to military service purposes;</p> <p>(k) to refuse to cater for the wounded, sick, shipwrecked persons and persons whose liberty has been restricted for reasons related to the armed conflict;</p> <p>(l) to mistreat prisoners or internees;</p> <p>(m) to loot or destroy public or private property;</p> <p>(n) to impose collective punishment for individual acts;</p> <p>(o) to commit acts of violence meant to terrorise all or part of the population. »</p>	<p>(h) affamer la population civile et empêcher que l'aide humanitaire n'atteigne cette population ;</p> <p>(i) séparer délibérément les enfants de leurs parents ou des personnes responsables de leur sécurité et de leur bien-être ;</p> <p>(j) contraindre les civils, y compris les enfants, à prendre part aux hostilités ou à accomplir les travaux liés à des fins militaires ;</p> <p>(k) refuser de soigner les blessés, les malades, les naufragés et les personnes privées de liberté pour les motifs liés au conflit armé ;</p> <p>(l) maltraiter les prisonniers ou les internés ;</p> <p>(m) piller ou détruire les biens publics ou privés ;</p> <p>(n) imposer une peine collective pour des actes individuels ;</p> <p>(o) commettre des actes de violence destinés à semer la terreur dans la totalité ou une partie de la population.»</p>
---	---	--

<p><b><u>Ingingo ya 7: Ibihano ku bindi bikorwa byitwa ibyaha by'intambara</u></b></p> <p>Ingingo ya 100 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>« Umuntu uhamijwe n'urukiko gukora kimwe mu byaha biteganywa mu ngingo ya 99 y'iri tegeko, ahanishwa –</p> <p>(a) igifungo cya burundu iyo akoze kimwe mu bikorwa biteganyijwe mu duka twa (a), (b), (c), (d), (e), (f), (g), (h) na (i);</p> <p>(b) igifungo kitari muni y'imyaka 10 ariko kitarenze imyaka 15 iyo yakoze kimwe mu byaha biteganyijwe mu duka twa (j), (k) na (l);</p> <p>(c) n'igihano cy'igifungo kitari muni y'imyaka 5 ariko kitarenze imyaka 10 iyo yakoze kimwe mu byaha biteganyijwe mu duka twa (m), (n) na (o) . »</p>	<p><b><u>Article 7: Penalties for other acts characterised as war crimes</u></b></p> <p>Article 100 of Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is amended as follows:</p> <p>« A person convicted of any of the offences referred to under Article 99 of this Law is liable to –</p> <p>(a) life imprisonment if he or she has committed any of the acts referred to under Subparagraphs (a), (b), (c), (d), (e), (f), (g), (h) and (i);</p> <p>(b) imprisonment for a term not less than 10 years but not more than 15 years, if he or she has committed any of the acts referred to under Subparagraphs (j), (k) and (l);</p> <p>(c) imprisonment for a term not less than 5 years but not more than 10 years, if he or she has committed any of the acts referred to under Subparagraphs (m), (n) and (o) . »</p>	<p><b><u>Article 7 : Peines pour d'autres actes qualifiés de crimes de guerre</u></b></p> <p>L'article 100 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est modifié comme suit :</p> <p>« Une personne reconnue coupable de l'une des infractions prévues à l'article 99 de la présente loi est passible de –</p> <p>(a) un emprisonnement à perpétuité si elle a commis l'un des actes prévus aux alinéas (a), (b), (c), (d), (e), (f), (g), (h) et (i) ;</p> <p>(b) un emprisonnement d'au moins 10 ans mais n'excédant pas 15 ans, si elle a commis l'un des actes prévus aux alinéas (j), (k) et (l) ;</p> <p>(c) un emprisonnement d'au moins cinq 5 ans mais n'excédant pas 10 ans, lorsqu'elle a commis l'un des actes prévus aux alinéas (m), (n) et (o) . »</p>
<p><b><u>Ingingo ya 8: Kwihekura</u></b></p> <p>Ingingo ya 108 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano</p>	<p><b><u>Article 8: Infanticide</u></b></p> <p>Article 108 of Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general</p>	<p><b><u>Article 8 : Infanticide</u></b></p> <p>L'article 108 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les</p>

<p>muri rusange ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>« <b><u>Ingingo ya 108: Kwihekura</u></b></p> <p>Umuntu wishe umwana yabyaye utarengeje amezi 12 aba akoze icyaha cyo kwihekura. Iyo abihamijwe n’urukiko, ahanishwa igifungo cya burundu. Icyakora, iyo umugore wahamwe n’icyaha cyo kwihekura yabitewe n’ihungabana yagize nyuma yo kubyara cyangwa igihe yonsa byemejwe n’umuganga cyangwa umuhanga mu by’imitekerereze wemewe na Leta, ahanishwa igifungo kitari muni y’amezi 6 ariko kitarenze imyaka 2 . »</p>	<p>is amended as follows:</p> <p>« <b><u>Article 108: Infanticide</u></b></p> <p>A person who kills his or her biological child whose age is not above 12 months commits infanticide. Upon conviction, he or she is liable to life imprisonment. However, if a woman convicted of infanticide has committed it due to postpartum depression or by effect of lactation certified by an authorised medical doctor or an authorised psychiatrist, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 6 months but not more than 2 years. »</p>	<p>peines en général est modifié comme suit :</p> <p>« <b><u>Article 108 : Infanticide</u></b></p> <p>Une personne qui commet le meurtre sur son enfant biologique dont l’âge n’excède pas 12 mois, commet un infanticide. Lorsqu’elle en est reconnue coupable, elle est passible d’un emprisonnement à perpétuité. Toutefois, si une femme reconnue coupable d’infanticide l’a commis en raison d’une dépression postpartum ou par effet de l’allaitement constatée par un médecin ou un psychiatre agréé, elle est passible d’une peine d’emprisonnement d’au moins 6 mois mais n’excédant pas 2 ans. »</p>
<p><b><u>Ingingo ya 9: Kwanduza undi indwara</u></b></p> <p>Ingingo ya 117 y’Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 ritaganyanye ibyaha n’ibihano muri rusange ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>« Umuntu wanduza undi muntu indwara abishaka aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n’urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y’imyaka 2 ariko kitarenze imyaka 3 n’ihazabu itari muni ya 300.000 FRW ariko itarenze 500.000 FRW. Iyo indwara yamwanduje ari indwara idakira cyangwa imuteye ubumuga buhoraho, igihano kiba</p>	<p><b><u>Article 9: Transmission of a disease to another person</u></b></p> <p>Article 117 of Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is amended as follows:</p> <p>« A person who wilfully transmits a disease to another person commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 2 years but not more than 3 years and a fine of not less than FRW 300,000 but not more than FRW 500,000. If the transmitted disease is incurable or leaves the person permanently disabled, the penalty is</p>	<p><b><u>Article 9 : Transmission d’une maladie à autrui</u></b></p> <p>L’article 117 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est modifié comme suit :</p> <p>« Une personne qui, volontairement, transmet à autrui une maladie commet une infraction. Lorsqu’elle en est reconnue coupable, elle est passible d’un emprisonnement d’au moins 2 ans mais n’excédant pas 3 ans et d’une amende d’au moins 300.000 FRW mais n’excédant pas 500.000 FRW. Lorsque la maladie transmise est incurable ou cause à autrui un handicap</p>

<p>igifungo kitari muni y'imyaka 20 ariko kitarenze imyaka 25 n'ihazabu itari muni ya 500.000 FRW ariko itarenze 1.000.000 FRW.»</p> <p><b><u>Ingingo ya 10: Gukubita cyangwa gukomeretsa umuntu bidaturutse ku bushake</u></b></p> <p>Ingingo ya 120 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>(1) « Umuntu ukubita cyangwa ukomeretsa undi biturutse ku buryo buke, ubwitonzi buke, uburangare, umwete muke, ubuteshuke n'ubuteganye buke, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'iminsi 8 ariko kitarenze amezi 2 n'ihazabu itari muni ya 100.000 FRW ariko itarenze 200.000 FRW cyangwa kimwe muri ibyo bihano.</p> <p>(2) Iyo uwakoze icyaha yakomerekeje abantu benshi, ahanishwa igifungo kitari muni y'amezi 2 ariko kitarenze amezi 3 n'ihazabu itari muni ya 500.000 FRW ariko itarenze 1.000.000 FRW cyangwa kimwe</p>	<p>imprisonment of not less than 20 years but not more than 25 years and a fine of not less than FRW 500,000 but not more than FRW 1,000,000.»</p> <p><b><u>Article 10: Unintentional assault or battery</u></b></p> <p>Article 120 of Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is amended as follows:</p> <p>(1) « A person who, because of clumsiness, recklessness, negligence, carelessness, lack of precaution and foresight, assaults or batters another person, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 8 days but not more than 2 months and a fine of not less than FRW 100,000 but not more than FRW 200,000 or one of these penalties.</p> <p>(2) If the offender causes injuries to several persons, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 2 months but not more than 3 months and a fine of not less than FRW 500,000 but not more than FRW 1,000,000 or</p>	<p>permanent, la peine est un emprisonnement d'au moins 20 ans mais n'excédant pas 25 ans et d'une amende d'au moins 500.000 FRW mais n'excédant pas 1.000.000 FRW. »</p> <p><b><u>Article 10 : Coups ou blessures involontaires</u></b></p> <p>L'article 120 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est modifié comme suit :</p> <p>(1) « Une personne qui, par maladresse, imprudence, négligence, inattention, défaut de précaution et de prévoyance, porte des coups ou cause des blessures à autrui commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins 8 jours mais n'excédant pas 2 mois et d'une amende d'au moins 100.000 FRW mais n'excédant pas 200.000 FRW ou de l'une de ces peines.</p> <p>(2) Lorsque l'auteur cause des blessures à plusieurs personnes, il est passible d'un emprisonnement d'au moins 2 mois mais n'excédant pas 3 mois et d'une amende d'au moins 500.000 FRW mais n'excédant pas 1.000.000 FRW ou de</p>
--	--	---



muri ibyo bihano.»	one of these penalties.»	l'une de ces peines.»
<p><b><u>Ingingo ya 11: Gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake</u></b></p> <p>Ingingo ya 121 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>(1) « Umuntu, abishaka, ukomeretsa undi, umukubita cyangwa umusagarira ku buryo bwa kiboko bubabaje aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'amezi 6 ariko kitarenze umwaka 1 n'ihazabu itari muni ya 100.000 FRW ariko itarenze 300.000 FRW.</p> <p>(2) Iyo icyaha kivugwa muri iyi ngingo cyakorewe umwana, umubyeyi, uwo bashyingiranywe cyangwa umuntu udashoboye kwitabara kubera imiterere ye ku mubiri cyangwa mu bwenge, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo kitari muni y'umwaka 1 ariko kitarenze imyaka 3 n'ihazabu itari muni ya 300.000 FRW ariko itarenze 500.000 FRW.</p>	<p><b><u>Article 11: Intentional assault or battery</u></b></p> <p>Article 121 of Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is amended as follows:</p> <p>(1) « A person who, wilfully, injures, beats or commits any serious violence against another person, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 6 months but not more than 1 year and a fine of not less than FRW 100,000 but not more than FRW 300,000.</p> <p>(2) If the offence referred to in this Article is committed against a child, a parent, a spouse or a person unable to protect himself or herself due to his or her physical or mental state, the offender is liable to imprisonment for a term not less than 1 year but not more than 3 years and a fine of not less than FRW 300,000 but not more than FRW 500,000.</p>	<p><b><u>Article 11 : Coups ou blessures volontaires</u></b></p> <p>L'article 121 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est modifié comme suit :</p> <p>(1) « Une personne qui, volontairement, cause des blessures, porte des coups à autrui ou commet toute autre violence grave envers ce dernier commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins 6 mois mais n'excédant pas 1 an et d'une amende d'au moins 100.000 FRW mais n'excédant pas 300.000 FRW.</p> <p>(2) Lorsque l'infraction visée au présent article est commise à l'encontre d'un enfant, d'un parent, d'un époux ou d'une personne qui n'est pas en mesure de se protéger en raison de son état physique ou psychique, l'auteur est passible d'un emprisonnement d'au moins 1 an mais n'excédant pas 3 ans et d'une amende d'au moins 300.000 FRW mais n'excédant pas 500.000 FRW.</p>

<p>(3) Iyo gukubita cyangwa gukomeretsa byateye uwakorewe icyaha indwara cyangwa kudashobora kugira icyo yikorera ku buryo budahoraho, igihano kiba igifungo kitari muni y'imyaka 3 ariko kitarenze imyaka 5 n'ihazabu itari muni ya 500.000 FRW ariko itarenze 1.000.000 FRW.</p>	<p>(3) If assault or battery results in an illness or non-permanent incapacity to work, the penalty is imprisonment for a term of not less than 3 years but not more than 5 years and a fine of not less than FRW 500,000 but not more than FRW 1,000,000.</p>	<p>(3) Lorsque les coups ou blessures entraînent une maladie ou une incapacité de travail non permanente, la peine est portée à un emprisonnement d'au moins 3 ans mais n'excédant pas 5 ans et une amende d'au moins 500.000 FRW mais n'excédant pas 1.000.000 FRW.</p>
<p>(4) Iyo gukubita cyangwa gukomeretsa byateye uwakorewe icyaha indwara idakira, ubumuga buhoraho butuma ntacyo yikorera, kubuza burundu urungiro rw'umubiri gukora no gutakaza igice cy'umubiri, igihano kiba igifungo kitari muni y'imyaka 5 ariko kitarenze imyaka 10 n'ihazabu itari muni ya 1.000.000 FRW ariko itarenze 2.000.000 FRW.</p>	<p>(4) If assault or battery results in an incurable illness, permanent total incapacity to work, full loss of function of an organ or mutilation for the victim, the penalty is imprisonment for a term of not less than 5 years but not more than 10 years and a fine of not less than FRW 1,000,000 but not more than FRW 2,000,000.</p>	<p>(4) Lorsque les coups ou blessures entraînent une maladie incurable, une incapacité permanente totale de travail, la perte de l'usage absolu d'un organe ou une mutilation pour la victime, la peine est portée à un emprisonnement d'au moins 5 ans mais n'excédant pas 10 ans et une amende d'au moins 1.000.000 FRW mais n'excédant pas 2.000.000 FRW.</p>
<p>(5) Iyo gukubita cyangwa gukomeretsa byagambiriwe, byategewe igico, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka 5 ariko kitarenze imyaka 10 n'ihazabu itari muni ya 2.000.000 FRW ariko itarenze 3.000.000 FRW.</p>	<p>(5) If assault or battery is committed with premeditation or ambush, the offender is liable to imprisonment for a term of not less than 5 years but not more than ten 10 years and a fine of not less than FRW 2,000,000 but not more than FRW 3,000,000.</p>	<p>(5) Lorsque les coups ou blessures sont portés avec préméditation ou guet-apens, l'auteur est passible d'un emprisonnement d'au moins 5 ans mais n'excédant pas 10 ans et d'une amende d'au moins 2,000.000 FRW mais n'excédant pas 3.000.000 FRW.</p>
<p>(6) Iyo gukubita cyangwa gukomeretsa byateye urupfu, igihano kiba igifungo kitari muni y'imyaka 10 ariko kitarenze imyaka 20 n'ihazabu itari</p>	<p>(6) If assault or battery results in death, the penalty is imprisonment for a term of not less than 10 years but not more than 20 years and a fine of not less than</p>	<p>(6) Lorsque les coups ou blessures entraînent la mort, la peine est portée à un emprisonnement d'au moins 10 ans mais n'excédant pas 20 ans et une</p>

<p>munsi ya 3.000.000 FRW ariko itarenze 5.000.000 FRW.”</p> <p><b><u>Ingingo ya 12:</u> Kwikuriramo inda cyangwa kwemera gukurirwamo inda</b></p> <p>Ingingo ya 123 y’Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n’ibihano muri rusange ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>« <b><u>Ingingo ya 123:</u> Kwikuriramo inda cyangwa kwemera gukurirwamo inda</b></p> <p>Umuntu wikuriyemo inda cyangwa, mu buryo bunyuranyije n’iri tegeko, wemera gukurirwamo inda, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n’urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y’umwaka 1 ariko kitarenze imyaka 3 n’ihazabu itari munsi ya 100.000 FRW ariko itarenze 200.000 FRW. »</p> <p><b><u>Ingingo ya 13:</u> Gukora, gucuruza, gukwirakwiza cyangwa kwinjiza mu Gihugu ibintu bitujuje ubuziranenge cyangwa byakwangiza ubuzima</b></p> <p>Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n’ibihano muri rusange ryongewemo ingingo ya 132 <i>bis</i> iteye ku buryo bukurikira:</p>	<p>FRW 3,000,000 but not more than FRW 5,000,000.”</p> <p><b><u>Article 12:</u> Self-induced abortion or consent to abortion</b></p> <p>Article 123 of Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is amended as follows:</p> <p>« <b><u>Article 123:</u> Self-induced abortion or consent to abortion</b></p> <p>A person who self-induces an abortion or who, contrary to this Law, consents to abortion commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 1 year but not more than 3 years and a fine of not less than FRW 100,000 but not more than FRW 200,000. »</p> <p><b><u>Article 13:</u> Production, sale, distribution or importation of products that are substandard or harmful to human being</b></p> <p>In Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general an Article 132 <i>bis</i> is inserted which is worded as follows:</p>	<p>amende d’au moins 3.000.000 FRW mais n’excédant pas 5.000.000 FRW. »</p> <p><b><u>Article 12 :</u> Avortement auto-induit ou consentement à l’avortement</b></p> <p>L’article 123 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est modifié comme suit :</p> <p>« <b><u>Article 123 :</u> Avortement auto-induit ou consentement à l’avortement</b></p> <p>Une personne qui pratique un avortement auto-induit ou qui, contrairement à la présente loi, consent à l’avortement commet une infraction. Lorsqu’elle en est reconnue coupable, elle est passible d’un emprisonnement d’au moins 1 an mais n’excédant pas 3 ans et d’une amende d’au moins 100.000 FRW mais n’excédant pas 200.000 FRW. »</p> <p><b><u>Article 13 :</u> Production, vente, distribution ou importation des produits non conformes aux normes de qualité ou nocifs pour l’être humain</b></p> <p>Dans la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général il est inséré un article 132 <i>bis</i> libellé comme suit :</p>
--	---	---

<p>« <b>Ingingo ya 132 bis:</b> Gukora, gucuruza, gukwirakwiza cyangwa kwinjiza mu Gihugu ibintu bitujuje ubuziranenge cyangwa byangiza ubuzima bw'umuntu</p> <p>Umuntu ukora, ucuruza, ukwirakwiza cyangwa winjiza mu Gihugu ibiribwa, ibinyobwa, imiti cyangwa ibindi bintu bitujuje ubuziranenge cyangwa bishobora kwangiza ubuzima bw'umuntu, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka 3 ariko kitarenze imyaka 5 n'ihazabu itari muni ya 1.000.000 FRW ariko itarenze 3.000.000 FRW cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano. »</p> <p><b><u>Ingingo ya 14:</u> Gusambanya umwana</b></p> <p>Ingingo ya 133 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganyaga ibyaha n'ibihano muri rusange ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>(1) « Umuntu ukorera ku mwana kimwe mu bikorwa bishingiye ku gitsina bukurikira, aba akoze icyaha:</p> <p>(a) gushyira igitsina cy'umuntu mu gitsina, mu kibuno cyangwa mu kanwa by'umwana;</p> <p>(b) gushyira urugingo urwo ari rwo</p>	<p>« <b>Article 132 bis:</b> Production, sale, distribution or importation products that are substandard or harmful to human being</p> <p>A person who produces, sells, distributes or imports foods, beverages, medications or other products which are substandard or which may be harmful to the human being, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 3 years but not more than 5 years and a fine of not less than FRW 1,000,000 but not more than FRW 3,000,000 FRW or only one of these penalties.»</p> <p><b><u>Article 14:</u> Child defilement</b></p> <p>Article 133 of Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is amended as follows:</p> <p>(1) « A person who commits one of the following sexual acts on a child, commits an offence:</p> <p>(a) to insert a sexual organ of a person into the sexual organ, anus or mouth of a child;</p> <p>(b) to insert any organ of the human</p>	<p>« <b>Article 132 bis :</b> Production, vente, distribution ou importation des produits non conformes aux normes de qualité ou nocifs pour l'être humain</p> <p>Une personne qui produit, vend, distribue ou importe des aliments, des boissons, des médicaments non conformes aux normes ou pouvant être nocifs à la santé de l'être humain, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins 3 ans mais n'excédant pas 5 ans et d'une amende d'au moins 1.000.000 FRW mais n'excédant pas 3.000.000 FRW ou l'une de ces peines seulement. »</p> <p><b><u>Article 14 :</u> Viol sur enfant</b></p> <p>L'article 133 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est modifié comme suit :</p> <p>(1) « Une personne qui commet l'un des actes sexuels suivants sur un enfant commet une infraction :</p> <p>(a) introduire le sexe d'une personne dans le sexe, dans l'anus ou dans la bouche d'un enfant ;</p> <p>(b) introduire tout organe du corps</p>
---	--	---

<p>rwose rw'umubiri w'umuntu mu gitsina cyangwa mu kibuno cy'umwana;</p> <p>(c) gukora ikindi gikorwa cyose ku mubiri w'umwana hagamijwe ishimishamubiri.</p> <p>(2) Umuntu uhamijwe n'urukiko gukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka 20 ariko kitarenze imyaka 25.</p> <p>(3) Iyo gusambanya umwana byakorewe ku mwana uri munsi y'imyaka 14 igihano kiba igifungo cya burundu.</p> <p>(4) Iyo gusambanya umwana byakorewe ku mwana ufite cyangwa urengeje imyaka 14 byamuteye indwara idakira cyangwa ubumuga, igihano kiba igifungo cya burundu.</p> <p>(5) Iyo umuntu mukuru asambanyije umwana bigakurikirwa no kumugira umugabo cyangwa umugore, igihano kiba igifungo cya burundu.</p>	<p>body into a sexual organ or anus of a child;</p> <p>(c) to perform any other act on the body of a child for the purpose of sexual arousal.</p> <p>(2) A person convicted of committing any of the acts referred to in Paragraph (1) of this Article is liable to imprisonment for a term of not less than 20 years but not more than 25 years.</p> <p>(3) If child defilement is committed on a child under 14 years of age, the penalty is life imprisonment.</p> <p>(4) When child defilement is committed on a child of 14 years of age or older and caused him or her an incurable disease or a disability, the penalty is life imprisonment.</p> <p>(5) When a person of full age commits child defilement and subsequently makes the child his or her husband or wife, the penalty is increased to life imprisonment.</p>	<p>humain dans le sexe ou dans l'anus d'un enfant ;</p> <p>(c) accomplir tout autre acte sur le corps d'un enfant à des fins d'excitation sexuelle.</p> <p>(2) Une personne reconnue coupable d'avoir commis l'une des actes visés à l'alinéa (1) du présent article est passible d'un emprisonnement d'au moins 20 ans mais n'excédant pas 25 ans.</p> <p>(3) Lorsque le viol sur enfant est commis sur un enfant de moins de 14 ans, la peine est l'emprisonnement à perpétuité.</p> <p>(4) Lorsque le viol sur enfant est commis sur un enfant de 14 ans ou plus et a entraîné une maladie incurable ou une infirmité, la peine est l'emprisonnement à perpétuité.</p> <p>(5) Lorsqu'une personne majeure commet le viol sur enfant et par la suite fait de ce dernier son mari ou sa femme, la peine est portée à l'emprisonnement à perpétuité.</p>
---	--	--

<p>(6) Iyo umwana ufite imyaka 14 ariko atarageza ku myaka 18 asambanyije umwana ufite imyaka 14 ariko utarageza ku myaka 18 akoresheje kiboko, ibikangisho, uburiganya cyangwa abikoze ku bw'intege nke z'uwakorewe icyaha, cyangwa yamuhaye ibintu bimuca intege, ahanwa hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 54 y'iri tegeko.</p> <p>(7) Icyaha cyo gusambanya umwana ntigisaza. »</p>	<p>(6) When a child who is at least 14 years of age but less than 18 years of age commits child defilement on a child who is at least 14 years of age but less than 18 years of age, through the use of violence, threats, trickery or abuse of the weakness of or administration of psychoactive substances to the victim, he or she is punished in accordance with the provisions of Article 54 of this Law.</p> <p>(7) The offence of child defilement is imprescriptible. »</p>	<p>(6) Lorsqu'un enfant âgé d'au moins 14 ans mais de moins de 18 ans commet le viol sur la personne d'un enfant âgé d'au moins 14 ans mais de moins de 18 ans en ayant recours à la violence, aux menaces, à la ruse ou à l'abus de faiblesse sur la victime ou à l'administration de substances psychoactives à cette dernière, il est puni conformément aux dispositions de l'article 54 de la présente loi.</p> <p>(7) L'infraction de viol sur enfant est imprescriptible.»</p>
<p><b><u>Ingingo ya 15: Kurega undi mu nzego z'ubutabera umubeshyera</u></b></p>	<p><b><u>Article 15: Bringing before judicial organs false accusations against another person</u></b></p>	<p><b><u>Article 15 : Porter, devant les organes judiciaires, des accusations mensongères contre autrui</u></b></p>
<p>Ingingo ya 152 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganyanya ibyaha n'ibihano muri rusange ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>« Umuntu urega undi mu nzego z'ubutabera azi neza ko amubeshyera, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'umwaka 1 ariko kitarenze imyaka 3 n'ihazabu itari muni ya 500.000 FRW ariko itarenze 1.000.000 FRW. Iyo kurega undi umubeshyera byakozwe mu rubanza rw'inshinjabyaha uregwa yakatiwemo igifungo kirenga imyaka 5,</p>	<p>Article 152 of Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is amended as follows:</p> <p>« A person who knowingly makes false accusations against another person before judicial organs, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 1 year but not more than 3 years and a fine of not less than FRW 500,000 but not more than FRW 1,000,000. If false accusations are made in criminal case where the accused is sentenced to</p>	<p>L'article 152 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est modifié comme suit :</p> <p>« Une personne qui porte délibérément des accusations mensongères contre autrui devant les organes judiciaires, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins 1 an mais n'excédant pas 3 ans et d'une amende de 500.000 FRW mais n'excédant pas 1.000.000 FRW. Lorsque les accusations mensongères sont portées dans une affaire pénale où</p>

<p>umuntu wamureze azi neza ko amubeshyera ahanishwa igifungo kitari munsi y’imyaka 3 ariko kitarenze imyaka 5 n’ihazabu itari munsi ya 1.000.000 FRW ariko itarenze 2.000.000 FRW. »</p> <p><b><u>Ingingo ya 16: Kugumana ku bw’uburiganya ikintu cy’undi cyatowe</u></b></p> <p>Ingingo ya 172 y’Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n’ibihano muri rusange ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>« <b><u>Ingingo ya 172: Kugumana ku bw’uburiganya ikintu cy’undi cyatowe</u></b></p> <p>(1) Umuntu utora ikintu cy’undi cyimukanwa cyangwa wakibonye ku buryo bumugwiririye, akakigumana ku bw’uburiganya cyangwa akagiha abatari bene cyo ku bw’uburiganya, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n’urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y’amezi 6 ariko kitarenze imyaka 2 n’ihazabu itari munsi ya 50.000 FRW ariko itarenze 300.000 FRW cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.</p>	<p>imprisonment for a term of more than 5 years, the person having knowingly made such false accusations against him or her is liable to imprisonment for a term of not less than 3 years but not more than 5 years and a fine of not less than FRW 1,000,000 but not more than FRW 2,000,000. »</p> <p><b><u>Article 16: Fraudulent retention of another person’s found property</u></b></p> <p>Article 172 of Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is amended as follows:</p> <p>« <b><u>Article 172: Fraudulent retention of another person’s found property</u></b></p> <p>(1) A person who finds or accidentally obtains a lost movable item belonging to another person and fraudulently retains it or gives it to another person, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 6 months but not more than 2 years and a fine of not less than FRW 50,000 but not more than FRW 300,000 or only one of these penalties.</p>	<p>l’accusé est condamné à une peine de plus de 5 ans d’emprisonnement, la personne ayant délibérément porté ces accusations mensongères contre lui est passible d’un emprisonnement d’au moins 3 ans mais n’excédant pas 5 ans et d’une amende d’au moins 1.000.000 FRW mais n’excédant pas 2.000.000 FRW. »</p> <p><b><u>Article 16 : Détention frauduleuse d’un bien trouvé appartenant à autrui</u></b></p> <p>L’article 172 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est modifié comme suit :</p> <p>« <b><u>Article 172 : Détention frauduleuse d’un bien trouvé appartenant à autrui</u></b></p> <p>(1) Une personne qui trouve ou obtient par hasard une chose mobilière appartenant à autrui et qui, de façon frauduleuse, la conserve ou la donne à des tiers, commet une infraction. Lorsqu’elle en est reconnue coupable, elle est passible d’un emprisonnement d’au moins 6 mois mais n’excédant pas 2 ans et d’une amende d’au moins 50.000 FRW mais n’excédant pas 300.000 FRW ou de l’une de ces peines seulement.</p>
---	---	---

<p>(2) Mu gihe ukurikiranyweho icyaha asubije ikintu yatoye cyangwa yabonye, ikurikirana ry'icyaha rihita rihagarara aho urubanza rwaba rugeze hose. »</p> <p><b><u>Ingingo ya 17: Kugurisha ikintu cy'undi, kugitangaho ingwate cyangwa kugurisha ikintu cyawe watanzeho ingwate</u></b></p> <p>Ingingo ya 177 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganyaga ibyaha n'ibihano muri rusange ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>« <b><u>Ingingo ya 177: Kugurisha ikintu cy'undi, kugitangaho ingwate cyangwa kugurisha ikintu cyawe watanzeho ingwate</u></b></p> <p>Umuntu ugurisha, utanga ingwate ku kintu cyimukanwa cyangwa kitimukanwa aza ko atari icye cyangwa ugurisha ikintu cye aza ko yagitanzeho ingwate akabikora atabyemeranyijweho n'uwahawe ingwate n'ugiyeye kukigira mu nyandiko yashyizweho umukono na noteri, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka 1 ariko kitarenze imyaka 2 n'ihazabu itari munsi ya 500.000 FRW ariko itarenze 1.000.000 FRW. »</p>	<p>(2) In case the accused person returns an item found or obtained, the prosecution of the offence is terminated at any stage of the procedure. »</p> <p><b><u>Article 17: Selling, pledging as a security a property of another person or selling one's property given as security</u></b></p> <p>Article 177 of Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is amended as follows:</p> <p>« <b><u>Article 177: Selling, pledging as a security a property of another person or selling one's property given as security</u></b></p> <p>A person who sells, pledges as a security an immovable or a movable property knowing that he or she is not the owner or who sells his or her property knowing that it is given as security and does so without the prior consent of the pledgee and the prospective purchaser expressed in a notarial deed commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 1 year but not more than 2 years and a fine of not less than FRW 500,000 but not more than FRW 1,000,000. »</p>	<p>(2) Au cas où le prévenu restitue une chose trouvée ou obtenue, la poursuite de l'infraction prend fin à tout degré de la procédure. »</p> <p><b><u>Article 17 : Vendre, constituer en garantie un bien appartenant à autrui ou vendre son bien donné en garantie</u></b></p> <p>L'article 177 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est modifié comme suit :</p> <p>« <b><u>Article 177 : Vendre, constituer en garantie un bien appartenant à autrui ou vendre son bien donné en garantie</u></b></p> <p>Une personne qui vend, constitue en garantie un bien immeuble ou meuble sachant qu'il ne lui appartient pas ou vend son bien sachant qu'il est donné en garantie et le fait sans le consentement préalable du bénéficiaire de la garantie et de l'acquéreur potentiel exprimé dans un acte notarié, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins 1 an mais n'excédant pas 2 ans et d'une amende d'au moins 500.000 FRW mais n'excédant pas 1.000.000 FRW. »</p>
---	--	--



<p><b><u>Ingingo ya 18:</u> Gusebya cyangwa gutuka umwe mu bavugwa mu ngingo ya 217</b></p> <p>Ingingo ya 218 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganyaga ibyaha n'ibihano muri rusange ivanyweho.</p> <p><b><u>Ingingo ya 19:</u> Kunaniza cyangwa kuburizamo ishyirwa mu bikorwa ry'inyandikompesha yabaye ndakuka</b></p> <p>Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganyaga ibyaha n'ibihano muri rusange ryongewemo ingingo ya 262 bis iteye ku buryo bukurikira:</p> <p><b>« <u>Ingingo ya 262 bis:</u> Kunaniza cyangwa kuburizamo ishyirwa mu bikorwa ry'inyandikompesha yabaye ndakuka</b></p> <p>Umuntu wikuraho umutungo cyangwa ukora ikindi gikorwa agamije kunaniza cyangwa kuburizamo ishyirwa mu bikorwa ry'inyandikompesha yabaye ndakuka, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi 6 ariko kitarenze imyaka 2.</p>	<p><b><u>Article 18:</u> Humiliation or insult against one of the persons referred to under Article 217</b></p> <p>Article 218 of Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is repealed.</p> <p><b><u>Article 19:</u> Obstructing or preventing the enforcement of a final enforcement order</b></p> <p>In Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general an Article 262 bis is inserted which is worded as follows:</p> <p><b>« <u>Article 262 bis:</u> Obstructing or preventing the enforcement of a final enforcement order</b></p> <p>A person who disposes of his or her property or performs any other act to obstruct or prevent the execution of a final enforcement order commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term not less than 6 months but not more than 2 years.</p>	<p><b><u>Article 18 :</u> Outrage ou injure contre l'une des personnes visées à l'article 217</b></p> <p>L'article 218 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est abrogé.</p> <p><b><u>Article 19 :</u> Entrave à l'exécution d'un titre exécutoire définitif ou empêchement d'une telle exécution</b></p> <p>Dans la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général il est inséré un article 262 bis libellé comme suit:</p> <p><b>« <u>Article 262 bis :</u> Entrave à l'exécution d'un titre exécutoire définitif ou empêchement d'une telle exécution</b></p> <p>Une personne qui aliène ses biens ou qui fait tout autre acte pour entraver ou empêcher l'exécution d'un titre exécutoire définitif commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins 6 mois mais n'excédant pas 2 ans.</p>
---	--	--

<p><b><u>Ingingo ya 20:</u> Guhimba impapuro zivunjwamo amafaranga, gukoresha cyangwa gukwirakwiza inyandiko zivunjwamo amafaranga z'impimbano</b></p> <p>Ingingo ya 271 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ihinduwe ku buryo bukurikira:</p> <p>« <b><u>Ingingo ya 271:</u> Guhimba impapuro zivunjwamo amafaranga, gukoresha cyangwa gukwirakwiza inyandiko zivunjwamo amafaranga z'impimbano</b></p> <p>Umuntu wese uhimba impapuro zivunjwamo amafaranga, ukoresha cyangwa ukwirakwiza mu buryo ubwo ari bwo bwose impapuro zivunjwamo amafaranga azi ko ari impimbano, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'inyaka 3 ariko kitarenze imyaka 5 n'ihazabu yikubye inshuro kuva kuri 2 kugeza ku 10 z'agaciro k'impapuro zivunjwamo amafaranga yahimbye, yakoresheje cyangwa yakwirakwije.»</p> <p><b><u>Ingingo ya 21:</u> Kunyagwa amapeti ya gisirikare</b></p> <p>Ingingo ya 291 y'Itegeko n° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange ihinduwe ku buryo bukurikira:</p>	<p><b><u>Article 20:</u> Counterfeiting negotiable instruments, use or circulation of counterfeit negotiable instruments</b></p> <p>Article 271 of Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is amended as follows:</p> <p>« <b><u>Article 271:</u> Counterfeiting negotiable instruments, use or circulation of counterfeit negotiable instruments</b></p> <p>Any person who counterfeits, knowingly uses or circulates, by any means, counterfeit negotiable instruments, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 3 years and not more than 5 years and a fine of 2 to 10 times the value of the negotiable instruments counterfeited, used or circulated by him or her.»</p> <p><b><u>Article 21:</u> Stripping off military ranks</b></p> <p>Article 291 of Law n° 68/2018 of 30/08/2018 determining offences and penalties in general is amended as follows:</p>	<p><b><u>Article 20 :</u> Contrefaçon des titres négociables, utilisation ou mise en circulation des titres négociables contrefaits</b></p> <p>L'article 271 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est modifié comme suit :</p> <p>« <b><u>Article 271 :</u> Contrefaçon des titres négociables, utilisation ou mise en circulation des titres négociables contrefaits</b></p> <p>Toute personne qui contrefait les titres négociables, sciemment utilise ou met en circulation de quelque manière que ce soit, les titres négociables contrefaits, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins 3 ans mais n'excédant pas 5 ans et d'une amende de 2 à 10 fois la valeur des titres négociables contrefaits, utilisés ou mis en circulation par elle. »</p> <p><b><u>Article 21 :</u> Dégradation militaire</b></p> <p>L'article 291 de la Loi n° 68/2018 du 30/08/2018 déterminant les infractions et les peines en général est modifié comme suit :</p>
---	---	---

*Official Gazette n° Special of 05/12/2023*

<p>« Igihano cyo kunyagwa amapeti ya gisirikare gihabwa umusirikare iyo –</p> <p>(a) akoze icyaha cy’ubugambanyi;</p> <p>(b) yeguriye umwanzi ikigo cyangwa ahantu ashinzwe cyangwa yatereranye abandi basirikare ku rugamba;</p> <p>(c) akoze ubugande cyangwa ubwivumbure mu gihe cy’intambara;</p> <p>(d) ahurujwe mu gihe cy’intambara ntajye aho ahamagarirwa kuba ari;</p> <p>(e) atorotse igisirikare;</p> <p>(f) akoze icyaha cya jenocide;</p> <p>(g) akoze icyaha cyibasiye inyokomuntu;</p> <p>(h) akoze icyaha cyo gukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato;</p> <p>(i) akoze icyaha cyo gusambanya umwana;</p> <p>(j) akoze icyaha cyo kurya, kunywa, kwitera, guhumeka, kwisiga ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw’imiti ikoreshwa nka byo, cyangwa</p>	<p>« The penalty of stripping off military ranks is imposed on a soldier if he or she –</p> <p>(a) commits treason;</p> <p>(b) surrenders to the enemy a post or a position assigned to him or her or she abandons other soldiers on the battlefield;</p> <p>(c) commits an act of insubordination or revolt in wartime;</p> <p>(d) refuses to go to his or her place of deployment in wartime;</p> <p>(e) deserts the army;</p> <p>(f) commits the crime of genocide;</p> <p>(g) commits the crime against humanity;</p> <p>(h) commits the crime of rape;</p> <p>(i) commits a child defilement;</p> <p>(j) commits the offence of eating, drinking, injecting himself or herself with, inhaling, anointing himself or herself with narcotic drugs and</p>	<p>« La peine de dégradation militaire est imposée à un militaire lorsqu’il –</p> <p>(a) commet la trahison ;</p> <p>(b) abandonne à l’ennemi un poste ou une position lui assignée ou abandonne les autres militaires sur le champ de bataille ;</p> <p>(c) commet un acte d’insubordination ou de révolte en temps de guerre ;</p> <p>(d) refuse d’aller dans son lieu de déploiement en temps de guerre ;</p> <p>(e) déserte l’armée ;</p> <p>(f) commet le crime de génocide ;</p> <p>(g) commet le crime contre l’humanité ;</p> <p>(h) commet le crime de viol ;</p> <p>(i) commet le crime de viol sur un enfant ;</p> <p>(j) commet l’infraction de consommer, de s’injecter, d’inhaler ou de s’oindre des stupéfiants et des substances psychotropes, ou celle de produire, de</p>
--	--	---

*Official Gazette n° Special of 05/12/2023*

<p>icyo gukora, guhinga, guhindura, gutunda, kubika, guha undi, kugurisha ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo mu buryo bunyuranije n'amategeko; cyangwa</p> <p>(k) akatiwe igihano k'igifungo kiri hejuru y'imyaka 5. »</p> <p><b><u>Ingingo ya 22: Ingingo y'ururimi</u></b></p> <p>Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Ingingo ya 23: Gutangira gukurikizwa</u></b></p> <p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p>psychotropic substances, or the offence of unlawfully producing, transforming, transporting, storing, giving to another or selling narcotic drugs and psychotropic substances; or</p> <p>(k) is sentenced to a penalty of imprisonment for a term of more than 5 years. »</p> <p><b><u>Article 22: Language provision</u></b></p> <p>This Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Article 23: Entry into force</u></b></p> <p>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>transformer, de transporter, d'entreposer ou de vendre illégalement des stupéfiants et des substances psychotropes ; ou</p> <p>(k) est condamné à une peine d'emprisonnement supérieure à 5 ans.»</p> <p><b><u>Article 22 : Disposition linguistique</u></b></p> <p>La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.</p> <p><b><u>Article 23 : Entrée en vigueur</u></b></p> <p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
--	--	--

Kigali, 04/12/2023

(sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika  
President of the Republic  
Président de la République

(sé)

**Dr NGIRENTE Edouard**  
Minisitiri w'Intebe  
Prime Minister  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:  
Seen and sealed with the Seal of the Republic:  
Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**  
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta  
Minister of Justice and Attorney General  
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux